| (2) Iyo Inteko Ishinga Amategeko isuzumira hamwe ikibazo Imitwe yombi yateranye, Perezida w'Umutwe w'Abadepite ni we uyobora inama, yaba adahari, ikayoborwa na Perezida wa Sena. | (2) When Parliament considers a matter in joint sitting, it is presided over by the Speaker of the Chamber of Deputies or, in his or her absence, by the President of the Senate. | (2) Lorsque le Parlement délibère les deux Chambres réunies, sa présidence est assurée par le Président de la Chambre des Députés ou, en son absence, par le Président du Sénat. |
| (3) Perezida wa Repubulika, amaze kugisha inama Biro ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko n'Urukiko rw'Ikirenga, ashobora kugena ibindi | (3) The President of the Republic, after consultation with the Bureau of each Chamber of Parliament and the Supreme Court, may determine other | (3) Le Président de la République, après avis du Bureau de chaque Chambre du Parlement et de la Cour Suprême, peut déterminer d'autres matières devant être |

| | | |
|---|---|---|
| bibazo Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko isuzumira hamwe. | matters to be considered jointly by both Chambers of Parliament. | examinées conjointement par les deux Chambres du Parlement. |
| (4) Uburyo ibyemezo bifatwa iyo Inteko Ishinga Amategeko isuzumira hamwe ikibazo Imitwe yombi yateranye buteganywa mu mategeko ngenga agena imikorere y'Imitwe y'Inteko Ishinga Amategeko. | (4) Modalities for taking decisions when Parliament considers a matter in a joint sitting, are provided for by the organic laws governing the functioning of the Chambers of Parliament. | (4) Les modalités de prise de décisions lorsque le Parlement délibère les deux Chambres réunies, sont déterminées par les lois organiques portant fonctionnement des Chambres du Parlement. |
| **<u>Ingingo ya 72</u>: Ibihembwe by'Imitwe y'Inteko Ishinga Amategeko** | **<u>Article 72</u>: Sessions of Chambers of Parliament** | **<u>Article 72</u>: Sessions des Chambres du Parlement** |
| (1) Inama z'Inteko Rusange za buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ziterana mu gihe cy'ibihembwe bisanzwe n'ibihembwe bidasanzwe. | (1) The sittings of the Plenary Assembly of each Chamber of Parliament take place during ordinary and extraordinary sessions. | (1) Les séances de l'Assemblée plénière de chaque Chambre du Parlement se tiennent durant les sessions ordinaires et les sessions extraordinaires. |
| (2) Mu Mitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, ibihembwe bisanzwe bitangirira umunsi umwe kandi bikamara igihe kingana. | (2) In both Chambers of Parliament, ordinary sessions commence on the same day and have the same duration. | (2) Dans les deux Chambres du Parlement, les sessions ordinaires commencent au même jour et ont la même durée. |
| (3) Ibihembwe bisanzwe bitumizwa na Perezida wa buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko. Ibyo bihembwe bibera ku matariki ateganywa n'itegeko ngenga rigena imikorere ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko. | (3) Ordinary sessions are convened by the President of the Senate and the Speaker of the Chamber of Deputies. These sessions take place on dates specified in the organic law determining the functioning of the Chambers of Parliament. | (3) Les sessions ordinaires sont convoquées par le Président de chaque Chambre du Parlement. Ces sessions ont lieu aux dates fixées par la loi organique portant fonctionnement des Chambres du Parlement. |

| | | |
|---|---|---|
| (4) Buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko uterana mu gihembwe kidasanzwe utumijwe na Perezida wawo abyumvikanyeho n'abandi bagize Biro ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko cyangwa abisabwe na Perezida wa Repubulika cyangwa bisabwe na kimwe cya kane cy'abagize Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba. | (4) Each Chamber of Parliament meets in an extraordinary session on invitation by its leader after consultation with the other members of the Bureau or at the request of the President of the Republic or of one-quarter of the members of the Chamber of Parliament concerned. | (4) Chaque Chambre du Parlement se réunit en session extraordinaire sur convocation de son Président après consultation des autres membres de du Bureau ou à la demande soit du Président de la République ou d'un quart des membres de la Chambre du Parlement concernée. |
| (5) Inama idasanzwe ihuriweho n'imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ishobora gutumizwa mu gihembwe kidasanzwe byumvikanyweho na ba Perezida b'Imitwe yombi, bisabwe na Perezida wa Repubulika cyangwa na kimwe cya kane cy'abagize buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko. | (5) An extraordinary joint sitting of both Chamber of Parliament may be convened in extraordinary session by mutual agreement of the President of the Senate and the Speaker of the Chamber of Deputies, at the request of the President of the Republic, or one-quarter of the members of each Chamber of Parliament. | (5) Une séance extraordinaire conjointe des deux Chambres du Parlement peut être convoquée dans une session extraordinaire de commun accord entre les Présidents des deux Chambres, à la demande du Président de la République ou d'un quart des membres de chaque Chambre du Parlement. |
| (6) Mu gihembwe kidasanzwe hasuzumwa gusa ibibazo byatumye gitumizwa kandi bibanje kumenyeshwa abagize Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba cyangwa Inteko Ishinga Amategeko yose mbere y'uko icyo gihembwe gitangira. | (6) An extraordinary session considers only matters for which it was convened and which were brought to the notice of the members of the Chamber concerned or the entire Parliament before commencement of the session. | (6) Une session extraordinaire examine uniquement des questions qui ont motivé sa convocation et qui ont été portées à la connaissance des membres de la Chambre concernée ou de tout le Parlement avant l'ouverture de la session. |
| (7) Igihembwe kidasanzwe ntigishobora kurenza iminsi 15. | (7) An extraordinary session cannot exceed 15 days. | (7) Une session extraordinaire ne peut pas dépasser une durée de 15 jours. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 73</u>: Imikorere ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko** | **<u>Article 73</u>: Functioning of each Chamber of Parliament** | **<u>Article 73</u>: Fonctionnement de chaque Chambre du Parlement** |
| Buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ugira Itegeko Ngenga rigena imikorere yawo. | Each Chamber of Parliament has an organic law determining its functioning. | Chaque Chambre du Parlement dispose d'une loi organique portant son fonctionnement. |
| **<u>Ingingo ya 74</u>: Ubwisanzure bwa buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko** | **<u>Article 74</u>: Autonomy of each Chamber of Parliament** | **<u>Article 74</u>: Autonomie de chaque Chambre du Parlement** |
| Buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ugira ingengo y'imari yawo n'ubwisanzure mu micungire y'imari n'abakozi byawo. | Each Chamber of Parliament has its own budget and enjoys financial and administrative autonomy. | Chaque Chambre du Parlement dispose de son propre budget et jouit de l'autonomie financière et administrative. |
| **<u>Akiciro ka 2</u>: Umutwe w'Abadepite** | **<u>Subsection 2</u>: The Chamber of Deputies** | **<u>Sous-section 2</u>: La Chambre des Députés** |
| **<u>Ingingo ya 75</u>: Abagize Umutwe w'Abadepite n'itorwa ryabo** | **<u>Article 75</u>: Composition of the Chamber of Deputies and election of its members** | **<u>Article 75</u>: Composition de la Chambre des Députés et l'élection de ses membres** |
| (1) Umutwe w'Abadepite ugizwe n'Abadepite 80. Baturuka kandi batorerwa mu byiciro bikurikira: | (1) The Chamber of Deputies is composed of 80 Deputies. They originate and are elected from the following categories: | (1) La Chambre des Députés est composée de 80 Députés. Ils proviennent des catégories suivantes et sont élus dans les suivantes catégories: |
| (a) Abadepite 53 batorerwa kuri lisiti y'amazina ndakuka y'abakandida batangwa n'imitwe ya politiki cyangwa biyamamaza ku giti cyabo. Batorwa mu matora rusange ataziguye ku buryo busaranganya imyanya; | (a) 53 Deputies elected from a fixed list of names of candidates proposed by political organisations or independent candidates elected by direct universal suffrage based on proportional representation; | (a) 53 Députés élus sur une liste bloquée des noms de candidats proposés par les formations politiques ou de candidats indépendants, élus au suffrage universel direct sur base de la représentation proportionnelle; |

| | | |
|---|---|---|
| (b) Abadepite 24 b'abagore batorwa n'inzego zihariye hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu; | (b) 24 women Deputies elected by specific electoral colleges in accordance with the national administrative entities; | (b) 24 Députés de sexe féminin élus par des collèges électoraux spécifiques en fonction des entités administratives du pays; |
| (c) Abadepite babiri batorwa n'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko; | (c) two Deputies elected by the National Youth Council; | (c) deux Députés élus par le Conseil national de la Jeunesse; |
| (d) Umudepite umwe utorwa n'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga. | (d) one Deputy elected by the National Council of Persons with Disabilities. | (d) un Député élu par le Conseil national des Personnes handicapées. |
| (2) Itegeko Ngenga rigenga amatora rishobora kongera cyangwa kugabanya umubare cyangwa ibyiciro byavuzwe mu gika cya (1) cy'iyi ngingo. | (2) The organic law governing elections may increase or decrease the number of Deputies or the categories mentioned in Paragraph (1) of this Article. | (2) La loi organique régissant les élections peut augmenter ou diminuer le nombre de Députés et les catégories visés au paragraphe (1) du présent article. |
| (3) Nibura 30% by'Abadepite bagomba kuba ari abagore. | (3) At least 30% of Deputies must be women. | (3) Au moins 30% des Députés doivent être de sexe féminin. |
| (4) Itora ry'Abadepite bavugwa mu gika cya (1)(a) cy'iyi ngingo rikorwa ku munsi umwe n'irya Perezida wa Repubulika. | (4) The election of Deputies referred to in Paragraph (1)(a) of this Article are conducted on the same day as the election of the President of the Republic. | (4) L'élection des Députés visés au paragraphe (1)(a) du présent article a lieu le même jour que l'élection du Président de la République. |
| (5) Itora ry'Abadepite bavugwa mu gika cya (1)(b)(c)(d) cy'iyi ngingo rikorwa mu gihe giteganywa n'amategeko abigenga. | (5) The election of the Deputies referred to in paragraph (1)(b)(c)(d) is conducted within the period provided for by relevant laws. | (5) L'élection des Députés visés au paragraphe (1)(b)(c)(d) du présent article a lieu dans le délai prévu par les lois en la matière. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 76</u>: Manda y'Abadepite** | **<u>Article 76</u>: Term of office of Deputies** | **<u>Article 76</u>: Mandat des Députés** |
| Abadepite batorerwa manda y'imyaka itanu. Bashobora kongera gutorerwa izindi manda. | Deputies are elected for a term of office of five years. They may be re-elected for additional terms. | Les Députés sont élus pour un mandat de cinq ans. Ils sont rééligibles pour d'autres mandats. |
| **<u>Ingingo ya 77</u>: Kuva mu mwanya k'Umudepite** | **<u>Article 77</u>: Vacation of office of a Deputy** | **<u>Article 77</u>: Vacance de siège d'un Député** |
| (1) Umudepite ava mu mwanya w'ubudepite iyo – | (1) A Deputy vacates his or her seat if – | (1) Un Député quitte son siège lorsque – |
| (a) yeguye mu Mutwe w'Abadepite; | (a) he or she resigns from the Chamber of Deputies; | (a) il démissionne de la Chambre des Députés; |
| (b) yirukanywe mu Mutwe w'Abadepite; | (b) he or she is expelled from the Chamber of Deputies; | (b) il est exclu de la Chambre des Députés; |
| (c) asezeye mu mutwe wa politiki yatorewemo; | (c) he or she resigns from the political organisation that seconded him or her; | (c) il démissionne de la formation politique qui l'a parrainé dans les élections; |
| (d) yirukanywe mu mutwe wa politiki yatorewemo, mu buryo buteganywa n'Itegeko Ngenga ryerekeye imitwe ya politiki; | (d) he or she is expelled from the political organisation that seconded him or her, in accordance with provisions of the organic law governing political organisations; | (d) il est exclu de sa formation politique, conformément à la loi organique régissant les formations politiques; |
| (e) icyemezo cy'iyandikwa ry'umutwe wa politiki yatowe aturutsemo giteshejwe agaciro; | (e) the certificate of registration of the political organisation that seconded him or her is revoked; | (e) le certificat d'enregistrement de la formation politique qui l'a parrainé est révoqué; |

| | | |
|---|---|---|
| (f) agiye mu wundi mutwe wa politiki; | (f) he or she joins another political organisation; | (f) il se rallie à une autre formation politique; |
| (g) agize impamvu imubuza burundu kurangiza inshingano ze; | (g) he or she has a permanent impediment to fulfil his or her responsibilities; | (g) il a un empêchement définitif d'accomplir ses responsabilités; |
| (h) apfuye. | (h) he or she dies. | (h) il décède. |
| (2) Impaka zishingiye ku cyemezo cyo kwirukana Umudepite mu Mutwe w'Abadepite cyangwa mu Mutwe wa Politiki ziburanishwa n'urukiko rubifitiye ububasha. | (2) Disputes relating to the decision to expel a Deputy from the Chamber of Deputies or a political organisation are adjudicated by a competent Court. | (2) Les contestations relatives à la décision d'exclure un Député de la Chambre des Députés ou de sa formation politique sont jugées par une juridiction compétente. |
| **<u>Ingingo ya 78</u>: Isimburwa ry'Umudepite** | **<u>Article 78</u>: Replacement of a Deputy** | **<u>Article 78</u>: Remplacement d'un Député** |
| Umudepite uvuye mu mwanya nk'uko biteganywa mu ngingo ya 77 y'iri Tegeko Nshinga, asimburwa hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko Ngenga rigenga amatora. | A Deputy who vacates his or her seat under the provisions of Article 77 of this Constitution is replaced in accordance with the organic law governing elections. | Un Député qui quitte son siège selon les dispositions de l'article 77 de la présente Constitution est remplacé conformément à la loi organique régissant les élections. |
| **<u>Ingingo ya 79</u>: Iseswa ry'Umutwe w'Abadepite ku mpamvu z'amatora** | **<u>Article 79</u>: Dissolution of the Chamber of Deputies for election purposes** | **<u>Article 79</u>: Dissolution de la Chambre des Députés pour des raisons électorales** |
| Ku mpamvu z'amatora, Perezida wa Repubulika asesa Umutwe w'Abadepite hasigaye nibura iminsi 30 kandi itarenga iminsi 60 ngo manda y'abawugize irangire. | For election purposes, the President of the Republic dissolves the Chamber of Deputies at least 30 days and not more than 60 days before the end of the parliamentary term. | Pour des raisons électorales, le Président de la République dissout la Chambre des Députés 30 jours au moins et 60 jours au plus avant la fin de la législature. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Akiciro ka 3</u>: Sena** | **<u>Subsection 3</u>: The Senate** | **<u>Sous-section 3</u>: Le Sénat** |
| **<u>Ingingo ya 80</u>: Abagize Sena** | **<u>Article 80</u>: Composition of the Senate** | **<u>Article 80</u>: Composition du Sénat** |
| (1) Sena igizwe n'Abasenateri 26 batorwa cyangwa bashyirwaho ku buryo bukurikira: | (1) The Senate is composed of 26 Senators elected or appointed as follows: | (1) Le Sénat est composé de 26 Sénateurs élus ou nommés comme suit: |
| (a) Abasenateri 12 batorwa n'inzego zihariye, hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu; | (a) 12 Senators elected by specific electoral colleges in accordance with national administrative entities; | (a) 12 Sénateurs élus par des collèges électoraux spécifiques, en fonction des entités administratives du pays; |
| (b) Abasenateri umunani bashyirwaho na Perezida wa Repubulika, by'umwihariko akita ku bumwe bw'Abanyarwanda, ku ihagararirwa ry'igice cy'Abanyarwanda amateka agaragaza ko basigaye inyuma no ku zindi nyungu rusange z'Igihugu; | (b) eight Senators appointed by the President of the Republic, giving particular consideration to the principles of national unity, the representation of historically marginalised groups, and any other national interests; | (b) huit Sénateurs nommés par le Président de la République en tenant particulièrement compte de l'unité nationale, de la représentation des groupes historiquement marginalisés et d'autres intérêts nationaux; |
| (c) Abasenateri bane bashyirwaho n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki; | (c) four Senators designated by the National Consultative Forum of Political Organisations; | (c) quatre Sénateurs nommés par le Forum national de Concertation des Formations politiques; |
| (d) umwarimu umwe cyangwa umushakashatsi umwe wo mu mashuri makuru ya Leta uri ku rwego nibura rw'umwarimu wungirije utorwa n'abarimu n'abashakashatsi bo muri ayo mashuri; | (d) one academician or researcher from public institutions of higher learning, holding at least the rank of associate professor, elected by the academic and research staff of those institutions; | (d) un enseignant ou chercheur issu des établissements d'enseignement supérieur publics ayant au moins le grade académique de professeur associé, élu par le corps académique et de recherche de ces établissements; |

| | | |
|---|---|---|
| (e) umwarimu umwe cyangwa umushakashatsi umwe wo mu mashuri makuru yigenga nibura uri ku rwego rw'umwarimu wungirije utorwa n'abarimu n'abashakashatsi bo muri ayo mashuri. | (e) one academician or researcher from private institutions of higher learning, holding at least the rank of associate professor, elected by the academic and research staff of the same institutions. | (e) un enseignant ou chercheur issu des établissements d'enseignement supérieur privés ayant au moins le grade académique de professeur associé, élu par le corps académique et de recherche de ces établissements. |
| (2) Abasenateri bavugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo biyongeraho abahoze ari Abakuru b'Igihugu barangije neza manda yabo cyangwa basezeye ku bushake bwabo, babisabye Perezida wa Sena, bikemezwa na Biro ya Sena mu gihe kitarenze iminsi 30. | (2) In addition to the Senators referred to in Paragraph (1) of this Article, former Heads of State who successfully completed their term of office or resigned voluntarily, become Senators upon their request to the President of the Senate and approval by the Bureau of the Senate within 30 days. | (2) En plus des Sénateurs visés au paragraphe (1) du présent article, les anciens Chefs de l'État qui ont dûment achevé leurs mandats ou qui ont volontairement démissionné, deviennent Sénateurs après requête adressée au Président du Sénat et approuvée par le Bureau du Sénat dans une période ne dépassant pas 30 jours. |
| (3) Uburyo Urukiko rw'Ikirenga rwemeza urutonde rw'abakandida b'Abasenateri, ibyo basabwa n'itorwa ryabo buteganywa n'Itegeko Ngenga rigenga amatora. | (3) Modalities by which the Supreme Court approves the list of senatorial candidates, their requirements and their election are determined by the organic law governing elections. | (3) Les modalités selon lesquelles la Cour Suprême approuve la liste de candidats Sénateurs, les conditions requises et leur élection sont déterminées par la loi organique régissant les élections. |
| (4) Itegeko Ngenga rigenga amatora rishobora kandi kongera cyangwa kugabanya umubare cyangwa ibyiciro bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo. | (4) The organic law governing elections may also increase or reduce the number or categories referred to in Paragraph (1) of this Article. | (4) La loi organique régissant les élections peut également augmenter ou diminuer le nombre ou les catégories visés au paragraphe (1) du présent article. |
| (5) Abasenateri bagenwa na Perezida wa Repubulika ntibemezwa n'Urukiko rw'Ikirenga kandi bashyirwaho nyuma | (5) Senators appointed by the President of the Republic are not subject to approval by the Supreme Court and their appointment follows the election and | (5) Les Sénateurs désignés par le Président de la République ne sont pas soumis à l'approbation de la Cour Suprême. Leur nomination intervient après l'élection et |

| | | |
|---|---|---|
| y'Abasenateri batorwa n'abashyirwaho n'izindi nzego. | designation of Senators from other organs. | la désignation des Sénateurs par d'autres organes. |
| (6) Inzego zishinzwe kugena abagomba kujya muri Sena zigomba kwita ku bumwe bw'Abanyarwanda n'ihame ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo. | (6) The organs responsible for the appointment of Senators take into account national unity and the principle of gender equality. | (6) Les organes chargés de désigner les Sénateurs sont tenus de prendre en considération l'unité nationale et le principe d'égalité entre les femmes et les hommes. |
| (7) Nibura 30% by'Abasenateri batowe n'Abasenateri bashyizweho bagomba kuba ari abagore. | (7) At least 30% of Senators elected and Senators appointed must be females. | (7) Au moins 30% des Sénateurs élus et des Sénateurs nommés doivent être de sexe féminin. |
| (8) Impaka zivutse zerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'iyi ngingo zikemurwa n'urukiko rubifitiye ububasha. | (8) Disputes arising from the application of this Article are adjudicated by a competent Court. | (8) Les contestations relatives à l'application du présent article sont jugées par la juridiction compétente. |
| **<u>Ingingo ya 81</u>: Manda y'Abasenateri** | **<u>Article 81</u>: Term of office of Senators** | **<u>Article 81</u>: Mandat des Sénateurs** |
| (1) Abasenateri batorwa n'Abasenateri bashyirwaho bagira manda y'imyaka itanu ishobora kongerwa inshuro imwe. | (1) Elected and appointed Senators serve a five-year term, renewable once. | (1) Les Sénateurs élus et les Sénateurs nommés ont un mandat de cinq ans, renouvelable une fois. |
| (2) Abasenateri bahoze ari Abakuru b'Igihugu nta manda bagira. | (2) Senators who are former Heads of the State are not subject to term limits. | (2) Les Sénateurs qui sont anciens Chefs d'État ne sont assujettis à aucune limite du nombre de mandats. |
| **<u>Ingingo ya 82</u>: Kuva mu mwanya k'Umusenateri** | **<u>Article 82</u>: Vacation of office of a Senator** | **<u>Article 82</u>: Vacance de siège d'un Sénateur** |
| Umusenateri ava mu mirimo y'ubusenateri iyo – | A Senator vacates his or her seat if – | Un Sénateur quitte son siège lorsque – |

(a) yeguye;

(b) avanywe ku murimo n'icyemezo cy'urukiko;

(c) agize impamvu imubuza burundu kurangiza inshingano ze;

(d) apfuye.

**<u>Ingingo ya 83</u>: Isimburwa ry'Umusenateri**

(1) Mu gihe Umusenateri watowe avuye mu mirimo ku mpamvu iyo ari yo yose mu ziteganywa mu ngingo ya 82 y'iri Tegeko Nshinga, asimburwa hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko Ngenga rigenga amatora.

(2) Mu gihe Umusenateri washyizweho avuye mu mirimo ku mpamvu iyo ari yo yose mu ziteganywa mu ngingo ya 82 y'iri Tegeko Nshinga, urwego rwamushyizeho ni rwo rugena umusimbura.

(3) Umusenateri mushya utowe cyangwa ushyizweho arangiza manda y'uwo asimbuye. Ashobora kongera gushyirwaho cyangwa gutorerwa indi manda.

(a) he or she resigns;

(b) he or she is removed from office by a Court decision;

(c) he or she has a permanent impediment to fulfil his or her responsibilities;

(d) he or she dies.

**<u>Article 83</u>: Replacement of a Senator**

(1) When an elected Senator vacates his or her seat for any of the reasons provided for in Article 82 of this Constitution, he or she is replaced in accordance with provisions of the organic law governing elections.

(2) When an appointed Senator vacates his or her seat for any of the reasons provided for in Article 82 of this Constitution, the appointing authority designates his or her replacement.

(3) The newly elected or appointed Senator completes the term of office of his or her predecessor. He or she is eligible for another term of office.

(a) il démissionne;

(b) il est démis de ses fonctions par une décision judiciaire;

(c) il a un empêchement définitif d'accomplir ses responsabilités;

(d) il décède.

**<u>Article 83</u>: Remplacement d'un Sénateur**

(1) Au cas où un Sénateur élu quitte son siège pour l'une ou l'autre des raisons prévues à l'article 82 de la présente Constitution, il est remplacé conformément aux dispositions de la loi organique régissant les élections.

(2) Au cas où un Sénateur nommé quitte son siège pour l'une ou l'autre des raisons prévues à l'article 82 de la présente Constitution, l'autorité investie du pouvoir de nomination désigne son remplaçant.

(3) Le Sénateur nouvellement élu ou nommé termine le mandat de son prédécesseur. Il est éligible pour un autre mandat.

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 84</u>: Inshingano y'umwihariko ya Sena** | **<u>Article 84</u>: Particular responsibility for the Senate** | **<u>Article 84</u>: Attribution particulière au Sénat** |
| Sena ifite umwihariko wo kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo avugwa mu ngingo ya 10 n'iry'ibiteganywa mu ngingo ya 56 n'iya 57 z'iri Tegeko Nshinga. | The Senate in particular monitors the application of fundamental principles specified in Article 10 and that of the provisions of Articles 56 and 57 of this Constitution. | Le Sénat assure en particulier le suivi de l'application des principes fondamentaux énoncés à l'article 10 et celle des dispositions des articles 56 et 57 de la présente Constitution. |
| **<u>Ingingo ya 85</u>: Ububasha bwa Sena mu gutora amategeko** | **<u>Article 85</u>: Powers of the Senate in legislative matters** | **<u>Article 85</u>: Compétences du Sénat en matière législative** |
| Mu birebana n'amategeko, Sena ifite ububasha bwo gutora: | In legislative matters, the Senate is competent to vote on: | En matière législative, le Sénat est compétent pour voter: |
| (a) ivugururwa ry'Itegeko Nshinga; | (a) revision of the Constitution; | (a) la révision de la Constitution; |
| (b) amategeko ngenga; | (b) organic laws; | (b) les lois organiques; |
| (c) amategeko yemera kwemeza burundu amasezerano mpuzamahanga yerekeye – | (c) laws approving ratification of international treaties and agreements on – | (c) les lois portant approbation de ratification des traités et accords internationaux sur – |
| (i) guhagarika intambara; | (i) armistice; | (i) l'armistice; |
| (ii) amahoro; | (ii) peace; | (ii) la paix; |
| (iii) guhindura amategeko y'Igihugu; | (iii) modification of national laws; | (iii) la modification des lois nationales; |
| (iv) imimerere y'abantu; | (iv) status of persons; | (iv) l'état des personnes; |

| | | |
|---|---|---|
| (v) kuba kimwe mu bihugu bishyizeho umuryango mpuzamahanga; | (v) establishment of an international organisation; | (v) la création d'une organisation internationale; |
| (d) amategeko yemera kwemeza ko u Rwanda ruba kimwe mu bihugu bihuriye ku masezerano yashyizeho umuryango mpuzamahanga; | (d) laws approving accession of Rwanda to international treaties and agreements on international organisation; | (d) les lois approuvant l'adhésion du Rwanda aux traités et accords internationaux relatifs à une organisation internationale; |
| (e) amategeko yerekeye kurinda Igihugu n'umutekano. | (e) laws on defence and national security. | (e) les lois sur la défense et la sécurité nationale. |
| **<u>Ingingo ya 86</u>: Ububasha bwa Sena mu kwemeza ishyirwaho ry'abayobozi** | **<u>Article 86</u>: Powers of the Senate to approve the appointment of officials** | **<u>Article 86</u>: Compétence du Sénat d'approuver la nomination des autorités** |
| (1) Sena ifite ububasha bwo kwemeza ishyirwaho ry'abayobozi bakurikira: | (1) The Senate has the powers to approve the appointment of the following officials: | (1) Le Sénat est compétent pour approuver la nomination des autorités suivantes: |
| (a) Perezida, Visi Perezida n'Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga, Perezida, Visi Perezida n'Abacamanza b'Urukiko rw'Ubujurire, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, Umushinjacyaha Mukuru n'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije; | (a) the President, the Vice President and the Judges of the Supreme Court, the President, the Vice President and Judges of the Court of Appeal, the President and the Vice President of the High Court, the President and the Vice President of the Commercial High Court, the Prosecutor General and the Deputy Prosecutor General; | (a) le Président, le Vice-Président et les Juges de la Cour Suprême, le Président, le Vice-Président et les Juges de la Cour d'Appel, le Président et le Vice-Président de la Haute Cour, le Président et le Vice-Président de la Haute Cour de Commerce, le Procureur général et le Procureur général adjoint; |

| | | |
|---|---|---|
| (b) Abayobora komisiyo z'Igihugu, ababungirije n'abandi ba Komiseri bagize komisiyo z'Igihugu, Umuvunyi Mukuru n'Abamwungirije, Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta n'Umwungirije, Abahagarariye u Rwanda mu bihugu by'amahanga no mu miryango mpuzamahanga, ba Guverineri b'Intara n'abayobora ibigo bya Leta. | (b) Chairpersons, Vice Chairpersons and other Commissioners of national commissions, the Ombudsman and his or her Deputies, the Auditor General of the State Finances and his or her Deputy, Ambassadors and Permanent Representatives to International Organisations, Provincial Governors and Heads of public institutions. | (b) les Présidents, les Vice-Présidents et les autres Commissaires des commissions nationales, l'Ombudsman et ses adjoints, l'Auditeur général des Finances de l'État et son adjoint, les Ambassadeurs et les représentants permanents auprès des organisations internationales, les Gouverneurs de Provinces et les dirigeants des établissements publics. |
| (2) Sena kandi yemeza ishyirwaho ry'abandi bayobozi bo mu nzego za Leta bagenwa n'itegeko. | (2) The Senate also approves the appointment of other public officials determined by law. | (2) Le Sénat approuve également d'autres autorités publiques déterminées par la loi. |
| (3) Guverinoma ishyikiriza Sena amazina n'imyirondoro y'abayobozi bavugwa mu gika (1) n'icya (2) by'iyi ngingo. | (3) The Government transmits to the Senate the names and biographical information of officials referred to Paragraphs (1) and (2) of this Article. | (3) Le Gouvernement transmet au Sénat les noms et les renseignements biographiques des autorités visées aux paragraphes (1) et (2) du présent article. |
| **Ingingo ya 87: Iyoherezwa ry'imishinga y'amategeko muri Sena** | **Article 87: Transmission of draft laws and private members' bills to the Senate** | **Article 87: Transmission des projets et propositions de loi au Sénat** |
| Perezida w'Umutwe w'Abadepite yohereza Perezida wa Sena imishinga y'amategeko yatowe n'Umutwe w'Abadepite yerekeye ibivugwa mu ngingo ya 85 y'iri Tegeko Nshinga. | The Speaker of the Chamber of Deputies transmits to the President of the Senate draft laws and private members' bills adopted by the Chamber of Deputies, relating to matters specified in Article 85 of this Constitution. | Le Président de la Chambre des Députés transmet au Président du Sénat les projets et les propositions de loi adoptés par la Chambre des Députés en rapport avec les matières visées à l'article 85 de la présente Constitution. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Akiciro ka 4</u>: Itegurwa n'iyemezwa ry'amategeko** | **<u>Subsection 4</u>: Initiation and adoption of laws** | **<u>Sous-section 4</u>: Initiation et adoption des lois** |
| **<u>Ingingo ya 88</u>: Uburenganzira bwo gutangiza no guhindura amategeko** | **<u>Article 88</u>: Right to initiate and amend laws** | **<u>Article 88</u>: Droit d'initiative et de modification des lois** |
| (1) Gutangiza amategeko no kuyahindura ni uburenganzira bwa buri Mudepite, cyangwa Guverinoma iteraniye mu Nama y'Abaminisitiri. Icyakora, umushinga w'Itegeko Ngenga rigena imikorere ya Sena utangizwa na Sena. | (1) Initiation and amendment of laws is the right of every Deputy or the Government acting through Cabinet. However, the Senate initiates the draft organic law determining the functioning of the Senate. | (1) Le droit d'initiative et de modification des lois appartient à chaque Député ou au Gouvernement en Conseil des Ministres. Toutefois, la proposition de loi organique portant fonctionnement du Sénat est initiée par le Sénat. |
| (2) Utangije umushinga w'itegeko awushyikiriza Perezida w'Umutwe w'Abadepite. | (2) The initiator of a draft law or private member's bill transmits it to the Speaker of the Chamber of Deputies. | (2) L'initiateur d'un projet ou d'une proposition de loi transmet ce dernier au Président de la Chambre des Députés. |
| **<u>Ingingo ya 89</u>: Umushinga w'itegeko rishobora kugira ingaruka ku mutungo w'Igihugu** | **<u>Article 89</u>: Draft law or private member's bill likely to affect the national budget** | **<u>Article 89</u>: Projet ou proposition de loi susceptible d'avoir une implication budgétaire** |
| Iyo umushinga w'itegeko cyangwa ihindurwa ry'itegeko bishobora gutubya umutungo w'Igihugu cyangwa kukibera umutwaro, uwawutangije agomba kwerekana uburyo Leta izinjiza cyangwa izazigama umutungo ungana n'uteganywa gusohoka. | If a draft, private member's bill or an amendment of a law has the potential to reduce Government revenue or increase State expenditure, the initiator must indicate means for enabling the State to generate revenues or make savings equivalent to the anticipated expenditure. | Si un projet, une proposition ou une modification d'une loi sont susceptibles de réduire les recettes de l'État ou d'augmenter les dépenses de l'État, l'initiateur doit indiquer les moyens prévus pour permettre à l'État de réaliser des recettes ou faire des économies équivalentes aux dépenses envisagées. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 90: Isuzumwa ry'imishinga y'amategeko** | **Article 90: Consideration of draft laws or private members' bills** | **Article 90: Examen des projets ou propositions de loi** |
| (1) Imishinga y'amategeko Inteko Rusange yemeje ko ifite ishingiro ibanza koherezwa muri Komisiyo y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ibishinzwe kugira ngo iyisuzume mbere y'uko yemezwa mu Nteko Rusange. | (1) Draft laws or private members' bills approved by the plenary Assembly to have relevance are transmitted to the relevant parliamentary committee of the Chamber of Parliament for consideration prior to their adoption in the plenary Assembly. | (1) Les projets ou propositions de loi dont l'opportunité a été adoptée par l'Assemblée plénière sont envoyés pour examen à la commission compétente de la Chambre du Parlement avant leur adoption par l'Assemblée plénière. |
| (2) Mu gihe Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko usuzuma ishingiro ry'umushinga w'itegeko, ushobora kwemeza ko uwo mushinga w'itegeko usuzumwa kandi ukemezwa mu Nteko Rusange utabanje gusuzumwa muri Komisiyo ibishinzwe. | (2) During the consideration of the relevance of a draft law or private member's bill, a Chamber of Parliament may decide to consider and adopt such a draft law or private member's bill in a plenary sitting without it being subjected to the relevant Committee's prior consideration. | (2) Une Chambre du Parlement peut, lors de l'examen de l'opportunité d'un projet ou d'une proposition de loi, décider d'examiner et d'adopter ce projet ou cette proposition de loi en séance plénière sans les soumettre à l'examen préalable de la commission compétente. |
| **Ingingo ya 91: Uburyo itegeko ritorwa** | **Article 91: Procedures for adoption of law** | **Article 91: Procédure d'adoption d'une loi** |
| (1) Amategeko asanzwe atorwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abadepite cyangwa Abasenateri bitabiriye inama y'Inteko Rusange. | (1) Ordinary laws are passed by an absolute majority vote of Deputies or Senators present at the sitting of the Plenary Assembly. | (1) Les lois ordinaires sont votées à la majorité absolue des Députés ou des Sénateurs présents à la séance de l'Assemblée plénière. |
| (2) Amategeko ngenga atorwa ku bwiganze bwa bitatu bya gatanu by'Abadepite cyangwa Abasenateri bitabiriye inama y'Inteko Rusange. | (2) Organic laws are passed by a three-fifths majority vote of Deputies or Senators present at the sitting of the Plenary Assembly. | (2) Les lois organiques sont votées à la majorité des trois cinquièmes des Députés ou des Sénateurs présents à la séance de l'Assemblée plénière. |

| | | |
|---|---|---|
| (3) Uburyo bukoreshwa mu itora n'uko itora rikorwa bigenwa n'itegeko ngenga rigena imikorere ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko. | (3) The mode and procedure for voting are provided for by an organic law determining the functioning of each Chamber of Parliament. | (3) Le mode et la procédure de vote sont déterminés par la loi organique portant fonctionnement de chaque Chambre du Parlement. |
| **<u>Ingingo ya 92</u>: Ishyirwaho n'iyemezwa ry'itegeko-teka** | **<u>Article 92</u>: Enactment and adoption of a decree-law** | **<u>Article 92</u>: Initiation et adoption d'un décret-loi** |
| (1) Iyo bidashoboka rwose ko Inteko Ishinga Amategeko iterana, Perezida wa Repubulika ashobora gushyiraho itegeko-teka ryemejwe n'Inama y'Abaminisitiri. Iryo tegeko-teka rigira agaciro k'itegeko risanzwe. | (1) If it is absolutely impossible for the Parliament to sit, the President of the Republic may during that time enact a decree-law approved by Cabinet. Such a decree-law has the same force as the ordinary law. | (1) Lorsque le Parlement est dans l'impossibilité absolue de siéger, le Président de la République peut prendre un décret-loi approuvé en Conseil des Ministres. Ce décret-loi a même force que la loi ordinaire. |
| (2) Itegeko-teka rihita rita agaciro iyo ritemejwe n'Inteko Ishinga Amategeko mu gihe ishoboye kongera guterana mu gihembwe gikurikira. | (2) The decree-law immediately ceases to have legal force if not adopted by the Parliament at its next session. | (2) À défaut de son adoption par le Parlement à sa plus prochaine session, ce décret-loi perd immédiatement toute force de loi. |
| **<u>Ingingo ya 93</u>: Gusuzuma ku buryo bwihutirwa umushinga w'itegeko cyangwa ikindi kibazo** | **<u>Article 93</u>: Urgent consideration of a draft law or private member's bill or any other matter** | **<u>Article 93</u>: Examen en urgence d'un projet ou d'une proposition de loi ou de toute autre question** |
| (1) Ugize Inteko Ishinga Amategeko, cyangwa Guverinoma, ashobora gusaba Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba gusuzuma ku buryo bwihutirwa umushinga w'itegeko cyangwa ikindi kibazo. | (1) A member of Parliament or the Government may request the relevant Chamber of Parliament the urgent consideration of a draft law or private member's bill or any other matter. | (1) Un membre du Parlement ou le Gouvernement peut solliciter à la Chambre du Parlement concernée, l'examen en urgence d'un projet ou d'une proposition de loi ou de toute autre question. |

| | | |
|---|---|---|
| (2) Iyo gusuzuma ku buryo bwihutirwa umushinga w'itegeko cyangwa ikindi kibazo bisabwe n'ugize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba ufata icyemezo kuri ubwo bwihutirwe. | (2) When the request for urgent consideration of a draft law or private member's bill or any other matter is submitted by a member of Parliament, the relevant Chamber of Parliament decides on the urgency. | (2) Lorsque l'examen en urgence d'un projet ou d'une proposition de loi ou de toute autre question est sollicité par un membre du Parlement, la Chambre du Parlement concernée se prononce sur cette urgence. |
| (3) Iyo gusuzuma ku buryo bwihutirwa umushinga w'itegeko cyangwa ikindi kibazo bisabwe na Guverinoma biremerwa iyo hari impamvu zumvikana. | (3) When the request for urgent consideration of a draft law or private member's bill or any other matter is submitted by Government, it is granted if there are reasonable grounds. | (3) Lorsque la requête d'examen en urgence d'un projet ou d'une proposition de loi ou de toute autre question est présentée par le Gouvernement, l'urgence est acceptée s'il existe des motifs valables. |
| (4) Iyo Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba wemeje ko umushinga w'itegeko cyangwa ikibazo byihutirwa, isuzuma uwo mushinga w'itegeko cyangwa icyo kibazo mbere y'ibindi biri ku murongo w'ibyigwa. | (4) When the relevant Chamber of Parliament confirms the urgency of a draft law or private member's bill or any other matter, it considers the draft law or private member's bill or any other matter before other items on the agenda. | (4) Lorsque la Chambre du Parlement concernée accepte l'urgence d'un projet ou d'une proposition de loi ou de toute autre question, elle examine ce projet ou cette proposition de loi ou cette question avant d'autres points à l'ordre du jour. |
| **<u>Ingingo ya 94</u>: Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko** | **<u>Article 94</u>: Joint committee of the Parliament** | **<u>Article 94</u>: Commission paritaire du Parlement** |
| (1) Imishinga y'amategeko Sena ifitiye ububasha bwo gusuzuma, iyigezwaho ibanje kwemezwa n'Umutwe w'Abadepite. | (1) Draft laws or private member's bills subject to examination by the Senate are transmitted to the Senate after adoption by the Chamber of Deputies. | (1) Les projets ou propositions de loi dont l'examen relève de la compétence du Sénat lui sont envoyés après leur adoption par la Chambre des Députés. |
| (2) Iyo umushinga w'itegeko utemewe na Sena cyangwa iyo ubugororangingo Sena yawukozeho butemewe n'Umutwe | (2) If a draft law or private member's bill is not approved by the Senate or the amendments proposed by the Senate are | (2) Lorsqu'un projet ou une proposition de loi n'est pas adopté par le Sénat ou que des amendements y apportés par ce |

| | | |
|---|---|---|
| w'Abadepite, hashyirwaho Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko igizwe n'umubare ungana w'Abadepite n'Abasenateri kugira ngo itange umushinga w'umwanzuro ku ngingo zikigibwaho impaka. | not accepted by the Chamber of Deputies, a joint committee composed of an equal number of Deputies and Senators is established to make proposals on the outstanding matters. | dernier ne sont pas acceptés par la Chambre des Députés, il est créé une commission paritaire composée à égalité de nombre de Députés et de Sénateurs pour faire des propositions sur les questions restant en discussion. |
| (3) Komisiyo ihuriweho n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ishobora kandi gushyirwaho, byemejwe n'Inteko Rusange ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ku bwiganze bwa bitatu bya gatanu by'abagize buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko, kugira ngo ifate umwanzuro ku kindi kibazo kigaragaye mu itegeko ryatowe n'Imitwe yombi igihe cyose ritaroherezwa kugira ngo rishyirweho umukono. | (3) A joint Committee of Parliament may also be established, if approved by the Plenary Assembly of each Chamber of Parliament by a three-fifths majority vote of its members, to decide on any other matter identified in the law adopted by both Chambers of Parliament so long as the law has not been transmitted for promulgation. | (3) Une commission paritaire du Parlement peut également être mise en place, après approbation par l'Assemblée plénière de chaque Chambre du Parlement à la majorité des trois cinquièmes de ses membres, pour statuer sur tout autre problème constaté dans une loi déjà adoptée par les deux Chambres aussi longtemps que cette loi n'est pas encore transmise pour promulgation. |
| (4) Inteko Rusange ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko imenyeshwa umwanzuro wumvikanyweho na komisiyo ikawufataho icyemezo. | (4) The Plenary Assembly of each Chamber of Parliament is notified of the conclusion reached by the joint committee for decision. | (4) L'Assemblée plénière de chaque Chambre du Parlement est informée du compromis de la commission paritaire pour décision. |
| (5) Iyo umwanzuro utemewe n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, umushinga w'itegeko usubizwa uwawutangije. | (5) Failure to reach a conclusion by both Chambers of Parliament, a draft law or private member's bill is returned to its initiator. | (5) À défaut d'adoption par les deux Chambres du Parlement, le projet ou la proposition de loi sont renvoyés à son initiateur. |

| Kinyarwanda | English | Français |
| --- | --- | --- |
| **<u>Akiciro ka 5</u>: Ubusumbane bw'amategeko n'isobanurampamo ryayo** | **<u>Subsection 5</u>: Hierarchy and authentic interpretation of laws** | **<u>Sous-section 5</u>: Hiérarchie et interprétation authentique de lois** |
| **<u>Ingingo ya 95</u>: Ubusumbane bw'amategeko** | **<u>Article 95</u>: Hierarchy of laws** | **<u>Article 95</u>: Hiérarchie des lois** |
| (1) Amategeko asumbana mu buryo bukurikira: | (1) The hierarchy of laws is as follows: | (1) Les lois sont hiérarchisées comme suit: |
| (a) Itegeko Nshinga; | (a) Constitution; | (a) la Constitution; |
| (b) Itegeko Ngenga; | (b) organic law; | (b) la loi organique; |
| (c) amasezerano mpuzamahanga yemejwe n'u Rwanda; | (c) international treaties and agreements ratified by Rwanda; | (c) les traités et les accords internationaux ratifiés par le Rwanda; |
| (d) itegeko risanzwe; | (d) ordinary law; | (d) la loi ordinaire; |
| (e) amateka n'amabwiriza ateganywa n'itegeko. | (e) orders and regulations provided for by a law. | (e) les arrêtés et les règlements prévus par une loi. |
| (2) Nta tegeko rivuguruza iririsumba. | (2) A law cannot contradict another law that is higher in hierarchy. | (2) Une loi ne peut pas contredire une autre loi qui lui est supérieure. |
| (3) Amategeko ngenga ni amategeko iri Tegeko Nshinga rigena nk'amategeko ngenga kandi riha ububasha bwo kugena indi mirongo y'ingenzi mu mwanya w'Itegeko Nshinga. | (3) Organic laws are those designated as such and empowered by this Constitution to regulate other key matters in the place of the Constitution. | (3) Les lois organiques sont celles que la présente Constitution qualifie comme telles et auxquelles elle confère le pouvoir de prévoir d'autres principes clés à la place de la Constitution. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 96: Isobanurampamo ry'amategeko** | **Article 96: Authentic interpretation of laws** | **Article 96: Interprétation authentique des lois** |
| (1) Isobanurampamo ry'amategeko rikorwa n'Urukiko rw'Ikirenga. | (1) Authentic interpretation of laws is done by the Supreme Court. | (1) L'interprétation authentique des lois est faite par la Cour Suprême. |
| (2) Isobanurampamo ry'amategeko rishobora gusabwa na Guverinoma cyangwa Urugaga rw'Abavoka. | (2) Authentic interpretation of laws may be requested by the Cabinet or the Bar Association. | (2) L'interprétation authentique des lois peut être demandée par le Gouvernement ou par l'Ordre des Avocats. |
| (3) Umuntu wese ubifitemo inyungu ashobora gusaba isobanurampamo ry'itegeko abinyujije ku Rugaga rw'Abavoka. | (3) Any interested person may request for an authentic interpretation of a law through the Bar Association. | (3) Toute personne intéressée peut demander l'interprétation authentique d'une loi par l'intermédiaire de l'Ordre des Avocats. |
| (4) Iyo itegeko ritumvikanye kimwe mu ndimi ryatangajwemo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, hitabwa ku rurimi iryo tegeko ryatowemo. | (4) In case of conflict between the languages in which a law was published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda, the language in which the law was adopted prevails. | (4) En cas de contradiction entre les langues de publication d'une loi au Journal Officiel de la République du Rwanda, la langue d'adoption de cette loi prévaut. |
| **Icyiciro cya 3: Ubutegetsi Nyubahirizategeko** | **Section 3: The Executive** | **Section 3: Le Pouvoir exécutif** |
| **Ingingo ya 97: Ushinzwe Ubutegetsi Nyubahirizategeko** | **Article 97: Exercise of Executive Power** | **Article 97: Exercice du Pouvoir exécutif** |
| Ubutegetsi Nyubahirizategeko bushinzwe Perezida wa Repubulika na Guverinoma. | Executive Power is vested in the President of the Republic and the Cabinet. | Le Pouvoir exécutif est exercé par le Président de la République et le Gouvernement. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Akiciro ka mbere</u>: Perezida wa Repubulika** | **<u>Subsection One</u>: The President of the Republic** | **<u>Sous-section première</u>: Le Président de la République** |
| **<u>Ingingo ya 98</u>: Inshingano za Perezida wa Repubulika** | **<u>Article 98</u>: Responsibilities of the President of the Republic** | **<u>Article 98</u>: Attributions du Président de la République** |
| (1) Perezida wa Repubulika ni we Mukuru w'Igihugu. | (1) The President of the Republic is the Head of State. | (1) Le Président de la République est le Chef de l'État. |
| (2) Perezida wa Repubulika ashinzwe kurinda Itegeko Nshinga no kubumbatira ubumwe bw'Abanyarwanda. | (2) The President of the Republic is the defender of the Constitution and the guarantor of national unity. | (2) Le Président de la République est le défenseur de la Constitution et le garant de l'unité nationale. |
| (3) Perezida wa Repubulika yishingira ko Leta ikomeza kubaho, akanishingira ubwigenge n'ubusugire bw'Igihugu no kubahiriza amasezerano mpuzamahanga. | (3) The President of the Republic is the guarantor of the continuity of the State, independence and sovereignty of the country and the respect for international treaties. | (3) Le Président de la République est le garant de la continuité de l'État, de l'indépendance et de la souveraineté nationales, et du respect des traités internationaux. |
| (1) Iyo Minisitiri w'Intebe yeguye cyangwa avuyeho ku mpamvu iyo ari yo yose, bituma n'abandi bagize Guverinoma begura. | (1) The Prime Minister's resignation or vacation of office for any reason leads to the resignation of all the other members of Cabinet. | (1) La démission ou la cessation de fonctions du Premier Ministre pour une raison quelconque entraîne la démission de tous les autres membres du Gouvernement. |
| (2) Perezida wa Repubulika yakira ukwegura kwa Guverinoma iyo Minisitiri w'Intebe akumushyikirije. | (2) The President of the Republic receives the resignation of Cabinet when submitted by the Prime Minister. | (2) Le Président de la République prend acte de la démission du Gouvernement lui présentée par le Premier Ministre. |
| (3) Guverinoma yeguye ikora gusa imirimo ya buri munsi kugeza igihe hashyiriweho indi Guverinoma. | (3) The outgoing Cabinet handles only routine business until a new Cabinet is appointed. | (3) Le Gouvernement démissionnaire assure seulement l'expédition des affaires courantes jusqu'à la formation d'un nouveau Gouvernement. |

| | | |
|---|---|---|
| (4) Perezida wa Repubulika ashyiraho indi Guverinoma hakurikijwe ibiteganywa n'igika cya (1) n'icya (3) by'ingingo ya 62 n'igika cya (1) n'icya (2) by'ingingo ya 116 z'iri Tegeko Nshinga. | (4) The President of the Republic appoints a new Cabinet in accordance with provisions of Paragraphs (1) and (3) of Article 62 and provisions of Paragraphs (1) and (2) of Article 116 of this Constitution. | (4) Le Président de la République forme un nouveau Gouvernement conformément aux dispositions des paragraphes (1) et (3) de l'article 62 et aux dispositions des paragraphes (1) et (2) de l'article 116 de la présente Constitution. |
| **<u>Ingingo ya 125</u>: Iyegura ry'abagize Guverinoma** | **<u>Article 125</u>: Resignation of Cabinet members** | **<u>Article 125</u>: Démission des membres du Gouvernement** |
| (1) Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma ashobora kwegura abikoze mu nyandiko ashyikiriza Perezida wa Repubulika ayinyujije kuri Minisitiri w'Intebe. | (1) A Minister, a Minister of State or other Cabinet member may tender his or her resignation, in writing, to the President of the Republic, through the Prime Minister. | (1) Un Ministre, un Secrétaire d'État ou un autre membre du Gouvernement peut présenter sa démission, par écrit, au Président de la République, par le biais du Premier Ministre. |
| (2) Ukwegura kwa Minisitiri, uk'Umunyamabanga wa Leta cyangwa uk'undi ugize Guverinoma kwemerwa iyo, mu gihe cy'iminsi itanu, nyir'ubwite atisubiyeho kandi na Perezida wa Repubulika akabimwemerera. | (2) A resignation of a Minister, a Minister of State or other Cabinet member becomes effective if it is not withdrawn by the person concerned within a period of five days and the President of the Republic agrees to the resignation. | (2) La démission d'un Ministre, d'un Secrétaire d'État ou d'un autre membre du Gouvernement devient définitive si, dans un délai de cinq jours, elle n'est pas retirée par le concerné et que le Président de la République marque son accord. |
| **<u>Akiciro ka 3</u>: Imikoranire y'Ubutegetsi Nshingamategeko n'Ubutegetsi Nyubahirizategeko** | **<u>Subsection 3</u>: Collaboration between the Legislature and the Executive** | **<u>Sous-section 3</u>: Collaboration entre le Pouvoir législatif et le Pouvoir exécutif** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 126</u>: Kumenyesha Guverinoma ibikorwa by'Inteko Ishinga Amategeko** | **<u>Article 126</u>: Informing Cabinet of the activities of Parliament** | **<u>Article 126</u>: Informer le Gouvernement des activités du Parlement** |
| (1) Buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko umenyesha Perezida wa Repubulika na Minisitiri w'Intebe ibiri ku murongo w'ibyigwa mu nama z'Inteko Rusange no mu nama za Komisiyo. | (1) Each Chamber of Parliament informs the President of the Republic and the Prime Minister about the agenda of the sittings of the plenary Assembly and committees' meetings. | (1) Chaque Chambre du Parlement informe le Président de la République et le Premier Ministre de l'ordre du jour des séances de l'Assemblée plénière et des réunions de commissions. |
| (2) Minisitiri w'Intebe n'abandi bagize Guverinoma bashobora kujya mu nama za buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko iyo babishatse. Bahabwa ijambo buri gihe iyo barisabye. | (2) The Prime Minister and other Cabinet members may attend sittings of each Chamber of Parliament if they wish. They take the floor whenever they request to do so. | (2) Le Premier Ministre et les autres membres du Gouvernement peuvent, s'ils le désirent, assister aux séances de chaque Chambre du Parlement. Ils y prennent la parole chaque fois qu'ils la demandent. |
| (3) Iyo Minisitiri w'Intebe cyangwa abandi bagize Guverinoma bitabiriye inama za buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bashobora guherekezwa n'impuguke bihitiyemo. | (3) When the Prime Minister or other Cabinet members attend sittings of each Chamber of Parliament, they may be accompanied by technical advisers of their choice. | (3) Lorsque le Premier Ministre ou les autres membres du Gouvernement assistent aux séances d'une Chambre du Parlement, ils peuvent se faire accompagner des conseillers techniques de leur choix. |
| (4) Impuguke ziherekeje Minisitiri w'Intebe cyangwa abandi bagize Guverinoma bitabiriye inama z'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko zishobora gufata ijambo mu nama za Komisiyo gusa. | (4) The technical advisers who accompany the Prime Minister or other Cabinet members who attend sittings of a Chamber of Parliament may only take the floor during Committee meetings. | (4) Les conseillers techniques qui accompagnent le Premier Ministre ou les autres membres du Gouvernement qui assistent aux séances d'une Chambre du Parlement ne peuvent prendre la parole que dans les réunions des commissions. |

| Ingingo ya 127: Kugaragariza icyizere ibikorwa bya Guverinoma | Article 127: Vote of confidence for Government activity programme | Article 127: Motion de vote de confiance sur le programme d'activités du Gouvernement |
|---|---|---|
| (1) Bimaze kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri, Minisitiri w'Intebe ashobora gusaba Umutwe w'Abadepite kumugaragariza icyizere haba mu kwemeza gahunda y'ibikorwa bya Guverinoma cyangwa mu gutora umushinga w'itegeko. | (1) The Prime Minister may, upon approval by Cabinet, request the Chamber of Deputies to pass a vote of confidence either with respect to the approval of Government activity programme or adoption of a draft law. | (1) Le Premier Ministre peut, après approbation par le Conseil des Ministres, engager la responsabilité du Gouvernement devant la Chambre des Députés en requérant le vote de confiance, soit sur l'approbation du programme d'activités du Gouvernement, soit sur le vote d'un projet de loi. |
| (2) Impaka ku kibazo cyo kugaragaza icyizere ntizishobora kugibwa mbere y'iminsi itatu yuzuye uhereye igihe icyo kibazo cyakiriwe n'Umutwe w'Abadepite. | (2) The debate on the request for a vote of confidence can only take place after three complete days from the time the request was received by the Chamber of Deputies. | (2) Le débat sur la requête du vote de confiance ne peut intervenir que trois jours francs après qu'elle a été reçue par la Chambre des Députés. |
| (3) Kutagaragariza Minisitiri w'Intebe icyizere bikorwa gusa binyuze mu itora rikozwe mu ibanga kandi ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'Abadepite. | (3) A vote of no confidence may only be passed through a secret ballot by a two-thirds majority of Deputies. | (3) La confiance ne peut être refusée que par un vote au scrutin secret à la majorité des deux tiers des Députés. |
| (4) Iyo Umutwe w'Abadepite wimye Minisitiri w'Intebe icyizere, ashyikiriza Perezida wa Repubulika ukwegura kwa Guverinoma mu gihe kitarenze amasaha 24. | (4) When the Chamber of Deputies denies confidence to the Prime Minister, he or she tenders a resignation of Cabinet to the President of the Republic, within 24 hours. | (4) Lorsque la Chambre des Députés refuse la confiance au Premier Ministre, il présente au Président de la République la démission du Gouvernement, dans un délai de 24 heures. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 128</u>: Uburyo Umutwe w'Abadepite ugenzura ibikorwa bya Guverinoma** | **<u>Article 128</u>: Methods by which the Chamber of Deputies exercises oversight over Government activities** | **<u>Article 128</u>: Moyens de contrôle de l'action gouvernementale par la Chambre des Députés** |
| Uburyo Umutwe w'Abadepite ugenzura ibikorwa bya Guverinoma ni ubu bukurikira: | The Chamber of Deputies uses the following methods to exercise oversight over Government activities: | Les moyens de contrôle de la Chambre des Députés sur l'action gouvernementale sont les suivants: |
| (a) kubaza mu magambo; | (a) oral questions; | (a) la question orale; |
| (b) kubaza mu nyandiko; | (b) written questions; | (b) la question écrite; |
| (c) kubaza muri Komisiyo; | (c) hearings before Committees; | (c) l'audition en commission; |
| (d) gushyiraho Komisiyo y'igenzura; | (d) commission of inquiry; | (d) la commission d'enquête; |
| (e) kubarizwa mu ruhame rw'Inteko. | (e) interpellation. | (e) l'interpellation. |
| **<u>Ingingo ya 129</u>: Gukuraho icyizere Guverinoma, umwe cyangwa benshi mu bayigize** | **<u>Article 129</u>: Motion of no confidence against the Cabinet, or one or more of its members** | **<u>Article 129</u>: Motion de censure du Gouvernement, d'un ou de plusieurs de ses membres** |
| (1) Umutwe w'Abadepite ushobora gukemanga ibikorwa bya Guverinoma, iby'umwe cyangwa benshi mu bagize Guverinoma ukoresheje itora ry'icyemezo cyo kubakuraho icyizere. | (1) The Chamber of Deputies may question the performance of Cabinet, or of one or more of Cabinet members through a vote of no confidence. | (1) La Chambre des Députés peut mettre en cause la responsabilité du Gouvernement ou celle d'un ou de plusieurs membres du Gouvernement par le vote d'une motion de censure. |
| (2) Icyifuzo cyo gukuraho icyizere cyakirwa gusa nyuma yo kubarizwa mu ruhame rw'Inteko kandi kigashyirwaho umukono nibura na kimwe cya gatanu | (2) A motion of no confidence is only accepted after interpellation and only when the motion is signed by at least one-fifth of Deputies in case that vote of | (2) Une motion de censure n'est recevable qu'après une interpellation et que si elle est signée par au moins un cinquième des Députés pour le cas d'un membre du |

| | | |
|---|---|---|
| cy'Abadepite iyo bireba umwe mu bagize Guverinoma, cyangwa kimwe cya gatatu nibura iyo bireba Guverinoma yose. | no confidence is against one of the members of Cabinet, or by at least one-third of Deputies if it concerns the entire Cabinet. | Gouvernement, ou par au moins un tiers s'il s'agit de tout le Gouvernement. |
| (3) Icyemezo cyo gukurwaho icyizere ntigishobora gutorwa hadashize nibura amasaha 48 kuva itora ry'icyo cyemezo risabwe, kandi cyemezwa gusa n'itora ribereye mu ibanga ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'Abadepite. | (3) A motion of no confidence cannot be voted upon prior to the expiry of at least 48 hours after its presentation and it is adopted through a secret ballot by at least a two-thirds majority vote of Deputies. | (3) Le vote d'une motion de censure ne peut avoir lieu que 48 heures au moins après le dépôt de la motion, et celle-ci ne peut être adoptée qu'au scrutin secret et à la majorité des deux tiers des Députés. |
| (4) Mu gihe Umutwe w'Abadepite usuzuma ibijyanye no gukuraho icyizere Guverinoma, gukuraho icyizere umwe cyangwa benshi mu bayigize, usubika isozwa ry'ibihembwe bisanzwe cyangwa bidasanzwe kugira ngo hakorwe ibiteganywa n'iyi ngingo. | (4) Where the Chamber of Deputies exercises the motion of no confidence against the Cabinet or one or more of its members, it postpones the closure of ordinary or extraordinary sessions in order to ensure the application of the provisions of this Article. | (4) Lorsque la Chambre des Députés exerce la motion de censure du Gouvernement ou d'un ou de plusieurs de ses membres, elle ajourne la clôture des sessions ordinaires ou extraordinaires pour permettre l'application des dispositions du présent article. |
| (5) Iyo gukurwaho icyizere bidatowe, abashyize umukono ku nyandiko ibisaba ntibemerewe kongera kubisaba muri icyo gihembwe. | (5) In case a motion of no confidence is rejected, signatories to the motion are not allowed to introduce a similar motion during the same session. | (5) Si une motion de censure est rejetée, ses signataires ne sont pas permis d'en proposer une nouvelle au cours de la même session. |
| **<u>Ingingo ya 130</u>: Iyegura ritewe no gukurwaho icyizere** | **<u>Article 130</u>: Resignation due to a vote of no confidence** | **<u>Article 130</u>: Démission à la suite d'une motion de censure** |
| (1) Umwe mu bagize Guverinoma wakuweho icyizere ashyikiriza Perezida wa Repubulika ukwegura kwe abinyujije kuri Minisitiri w'Intebe. | (1) A Cabinet member against whom a vote of no confidence is passed tenders his or her resignation to the President of the Republic through the Prime Minister. | (1) Un membre du Gouvernement contre lequel est adoptée une motion de censure présente sa démission au Président de la République par le biais du Premier Ministre. |

(2) Iyo ari Guverinoma yose yakuweho icyizere, Minisitiri w'Intebe ashyikiriza Perezida wa Repubulika ukwegura kwa Guverinoma.

**<u>Ingingo ya 131</u>: Uburyo Sena igenzura ibikorwa bya Guverinoma**

(1) Mu rwego rwo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, Sena ishobora kubaza Minisitiri w'Intebe mu magambo cyangwa mu nyandiko agasubiza ubwe, iyo ari ibibazo byerekeye Guverinoma yose cyangwa Minisiteri nyinshi icyarimwe, cyangwa agasubirizwa n'abagize Guverinoma bireba.

(2) Sena ishobora na none gushyiraho za komisiyo zishinzwe kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.

(3) Icyakora, Sena ntishobora kubariza mu ruhame abagize Guverinoma cyangwa ngo itangize ibyerekeye kubavanaho icyizere.

(2) When the vote of no confidence is passed against the entire Cabinet, the Prime Minister tenders a resignation of the entire Cabinet to the President of the Republic.

**<u>Article 131</u>: Methods by which the Senate exercises oversight over Government activities**

(1) For purposes of exercising oversight over Government activities, the Senate may put oral or written questions to the Prime Minister to which he or she responds either in person if the questions concern the entire Cabinet or several Ministries collectively or through concerned Cabinet members.

(2) The Senate may, in addition, set up commissions of inquiry for oversight over Government activities.

(3) However, the Senate cannot conduct interpellation of members of Cabinet or initiate a motion of no confidence against them.

(2) Lorsque la motion de censure est adoptée contre l'ensemble du Gouvernement, le Premier Ministre présente la démission du Gouvernement au Président de la République.

**<u>Article 131</u>: Moyens de contrôle de l'action gouvernementale par le Sénat**

(1) Dans le cadre du contrôle de l'action gouvernementale, le Sénat peut adresser au Premier Ministre des questions orales ou des questions écrites auxquelles il répond soit lui-même, s'il s'agit de questions concernant l'ensemble du Gouvernement ou plusieurs Ministères à la fois, soit par l'intermédiaire des membres du Gouvernement concernés.

(2) Le Sénat peut également constituer des commissions d'enquête pour le contrôle de l'action gouvernementale.

(3) Toutefois, le Sénat ne peut ni procéder à l'interpellation des membres du Gouvernement, ni initier la procédure de censure à leur encontre.

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 132</u>: Ibikurikizwa mu kugenzura ibikorwa bya Guverinoma** | **<u>Article 132</u>: Procedures for parliamentary oversight over Government activities** | **<u>Article 132</u>: Procédures de contrôle de l'action gouvernementale par le Parlement** |
| Itegeko Ngenga rigena ibikurikizwa n'Inteko Ishinga Amategeko mu kugenzura ibikorwa bya Guverinoma. | An organic law determines procedures for parliamentary oversight over Government activities. | Une loi organique détermine les procédures de contrôle de l'action gouvernementale par le Parlement. |
| **<u>Ingingo ya 133</u>: Iseswa ry'Umutwe w'Abadepite ku mpamvu z'ibibazo bikomereye Igihugu** | **<u>Article 133</u>: Dissolution of the Chamber of Deputies due to serious matters of national concern** | **<u>Article 133</u>: Dissolution de la Chambre des Députés en raison des questions graves de préoccupation nationale** |
| (1) Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 79 y'iri Tegeko Nshinga, Perezida wa Repubulika, amaze kugisha inama Minisitiri w'Intebe, ba Perezida b'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, ashobora gusesa Umutwe w'Abadepite ku mpamvu z'ibibazo bikomereye Igihugu. | (1) Without prejudice to the provisions of Article 79 of this Constitution, the President of the Republic, after consultation with the Prime Minister, the Speaker of the Chamber of Deputies, the President of the Senate and the President of the Supreme Court, may dissolve the Chamber of Deputies due to serious matters of national concern. | (1) Sans préjudice des dispositions de l'article 79 de la présente Constitution, le Président de la République peut, après consultation du Premier Ministre, des Présidents des deux Chambres du Parlement et du Président de la Cour Suprême, prononcer la dissolution de la Chambre des Députés en raison des questions graves de préoccupation nationale. |
| (2) Itora ry'Abadepite rikorwa mu minsi itarenze 90 ikurikira iseswa ry'Umutwe w'Abadepite ku mpamvu z'ibibazo bikomereye igihugu. Abadepite batowe barangiza igihe cya manda gisigaye. | (2) Election of Deputies takes place within 90 days following the dissolution of the Chamber of Deputies due to serious matters of national concern. The elected Deputies serve the remainder of the term of office. | (2) L'élection des Députés a lieu dans les 90 jours suivant la dissolution de la Chambre des Députés en raison des questions graves de préoccupation nationale. Les Députés élus exercent les fonctions pendant la période restant du mandat. |
| (3) Perezida wa Repubulika ntashobora gusesa Umutwe w'Abadepite inshuro | (3) The President of the Republic cannot dissolve, more than once during his or | (3) Le Président de la République ne peut pas dissoudre la Chambre des Députés plus |

| | | |
|---|---|---|
| zirenze imwe muri manda ye ku mpamvu z'ibibazo bikomereye Igihugu. | her term of office, the Chamber of Deputies due to serious matters of national concern. | d'une fois au cours de son mandat en raison des questions graves de préoccupation nationale. |
| (4) Sena ntishobora guseswa. | (4) The Senate cannot be dissolved. | (4) Le Sénat ne peut pas être dissous. |
| **<u>Ingingo ya 134</u>: Kumenyesha Inteko Ishinga Amategeko ibikorwa bya Guverinoma** | **<u>Article 134</u>: Informing Parliament of Government activities** | **<u>Article 134</u>: Informer le Parlement de l'action du Gouvernement** |
| (1) Minisitiri w'Intebe asobanurira Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteranye, ibikorwa bya Guverinoma nibura inshuro eshatu mu mwaka uhereye ku itangira ry'igihembwe cya mbere gisanzwe cy'Inteko Ishinga Amategeko. | (1) The Prime Minister presents to both Chambers of Parliament, in a joint sitting, Government activities at least three times a year from the beginning of the first ordinary session of Parliament. | (1) Le Premier Ministre présente au Parlement, les deux Chambres réunies, en séance conjointe, l'action du Gouvernement au moins trois fois par an à compter du début de la première session ordinaire du Parlement. |
| (2) Minisitiri w'Intebe ashyikiriza Biro ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ibyemezo by'Inama y'Abaminisitiri mu gihe kitarenze iminsi umunani nyuma y'uko byemejwe. | (2) The Prime Minister communicates Cabinet decisions to the Bureau of each Chamber of Parliament within eight days following their approval. | (2) Le Premier Ministre transmet au Bureau de chaque Chambre du Parlement les décisions du Conseil des Ministres dans les huit jours suivant leur adoption. |
| (3) Mu gihe cy'ibihembwe by'Inteko, Inteko Ishinga Amategeko igena umwanya uharirwa ibibazo abagize Inteko Ishinga Amategeko babaza Guverinoma n'ibisubizo byabyo. | (3) During sessions, Parliament devotes some sittings to questions by members of Parliament to Cabinet and responses thereto. | (3) Au cours des sessions, le Parlement réserve des séances consacrées aux questions formulées par les membres du Parlement au Gouvernement et à des réponses y relatives. |
| (4) Guverinoma igomba guha Inteko Ishinga Amategeko ibisobanuro byose isabwe ku bikorwa n'imicungire yabyo. | (4) The Cabinet must provide Parliament with all the required explanations on its activities and management thereof. | (4) Le Gouvernement est tenu de fournir au Parlement toutes les explications qui lui |

| | | |
|---|---|---|
| | | sont demandées sur ses activités et sur leur gestion. |
| **<u>Ingingo ya 135</u>: Kumenyesha Inteko Ishinga Amategeko itangiza ry'intambara** | **<u>Article 135</u>: Informing the Parliament of a declaration of war** | **<u>Article 135</u>: Informer le Parlement de la déclaration de guerre** |
| Mu gihe Perezida wa Repubulika atangije intambara abimenyesha Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteranye, mu gihe kitarenze iminsi irindwi. Inteko Ishinga Amategeko ifata icyemezo ku bwiganze busanzwe bw'abagize buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko. | In case the President of the Republic declares war, he or she informs Parliament, in a joint sitting within a period of seven days. The Parliament decides by a simple majority of members of each Chamber. | En cas de déclaration de guerre par le Président de la République, il en informe le Parlement, les deux Chambres réunies, en séance conjointe, dans un délai de sept jours. Le Parlement statue à la majorité simple des membres de chaque Chambre du Parlement. |
| **<u>Ingingo ya 136</u>: Ijambo Perezida wa Repubulika ageza ku Nteko Ishinga Amategeko** | **<u>Article 136</u>: Presidential address to Parliament** | **<u>Article 136</u>: Message adressé au Parlement par le Président de la République** |
| (1) Perezida wa Repubulika ageza ijambo ku Nteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi cyangwa ku Mutwe umwe, yiyiziye ubwe cyangwa ahaye Minisitiri w'Intebe ubutumwa asomera imbere y'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi cyangwa ku Mutwe umwe. Nta mpaka zigibwa kuri iryo jambo. | (1) The President of the Republic addresses one or both of the Chambers of Parliament, either in person or in a message read on his or her behalf by the Prime Minister before both Chamber of Parliament in a joint sitting, or before either Chamber. There is no debate on such communication. | (1) Le Président de la République adresse un message au Parlement devant l'une des Chambres ou les deux Chambres réunies en séance conjointe. Il le fait en personne ou délègue le Premier Ministre pour lire ce message devant le Parlement, les deux Chambres réunies, ou devant l'une des Chambres. Ce message ne donne lieu à aucun débat. |
| (2) Iyo atari igihe cy'igihembwe, Inteko Ishinga Amategeko cyangwa umwe mu Mitwe yayo, itumizwa ikanaterana by'umwihariko kubera iyo mpamvu. | (2) When not in session, the Parliament or one of its Chambers is convened specifically for that purpose. | (2) Hors session, le Parlement ou l'une de ses Chambres est, selon le cas, convoqué et se réunit spécialement à cet effet. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 137</u>: Ibihe by'amage** | **<u>Article 137</u>: State of emergency** | **<u>Article 137</u>: État d'urgence** |
| (1) Ibihe by'amage biteganywa n'itegeko kandi bitangazwa na Perezida wa Repubulika bimaze kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri. | (1) A state of emergency is provided for by a law and declared by the President of the Republic following approval by Cabinet. | (1) L'état d'urgence est régi par une loi et est déclaré par le Président de la République après approbation du Conseil des Ministres. |
| (2) Mu bihe by'amage kugeza hashize iminsi 30 bivuyeho, nta gikorwa na kimwe cy'itora gishobora gukorwa. | (2) During a state of emergency and within 30 days after its end, no election activity can be held. | (2) Pendant l'état d'urgence et jusqu'au 30ème jour après sa levée, aucune activité électorale ne peut avoir lieu. |
| **<u>Ingingo ya 138</u>: Uburenganzira n'ububasha butabangamirwa no gutangaza ibihe by'amage** | **<u>Article 138</u>: Rights and powers not affected by the declaration of a state of emergency** | **<u>Article 138</u>: Droits et compétences non entravés par la déclaration de l'état d'urgence** |
| (1) Gutangaza ibihe by'amage ntibishobora na rimwe kubangamira uburenganzira bwo kubaho, kudahungabanywa ku mubiri no mu mutwe, uburenganzira abantu bahabwa n'amategeko ku miterere n'ububasha byabo, ku bwenegihugu, ihame ry'uko itegeko mpanabyaha ridahana icyaha cyakozwe mbere y'uko rijyaho, uburenganzira bwo kwiregura n'ubwisanzure mu bitekerezo, mu mutimanama no ku idini. | (1) A declaration of a state of emergency cannot under any circumstances violate the right to life and physical and mental integrity of the person, the rights granted to people by law in relation to their status, capacity and nationality; the principle of non-retroactivity of criminal law, the right to defence and freedom of thought, conscience and religion. | (1) La déclaration de l'état d'urgence ne peut en aucun cas porter atteinte au droit à la vie, à l'intégrité physique et mentale, à l'état et à la capacité des personnes, à la nationalité, à la non-rétroactivité de la loi pénale, au droit de la défense ni à la liberté de pensée, de conscience et de religion. |
| (2) Gutangaza ibihe by'amage ntibishobora na rimwe kubangamira ububasha bwa Perezida wa Repubulika, ubw'Inteko Ishinga Amategeko, ubw'Urukiko | (2) A declaration of a state of emergency cannot under any circumstances affect powers of the President of the Republic, the | (2) La déclaration de l'état d'urgence ne peut en aucun cas affecter les compétences du Président de la République, du Parlement, de la Cour Suprême et du Premier |

| | | |
|---|---|---|
| rw'Ikirenga n'ubwa Minisitiri w'Intebe cyangwa guhindura amahame yerekeye ibyo Leta n'abakozi bayo bashobora kuryozwa hakurikijwe iri Tegeko Nshinga. | Parliament, the Supreme Court and the Prime Minister nor can it modify the principles relating to the responsibility of the State and public servants provided for in this Constitution. | Ministre ni modifier les principes de responsabilité de l'État et de ses agents consacrés par la présente Constitution. |
| **<u>Ingingo ya 139</u>: Inteko Ishinga Amategeko mu bihe by'amage** | **<u>Article 139</u>: Parliament during a state of emergency** | **<u>Article 139</u>: Parlement durant l'état d'urgence** |
| (1) Mu bihe by'amage, Umutwe w'Abadepite ntushobora guseswa kandi Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ihita ihamagazwa iyo itari mu gihembwe gisanzwe. | (1) During the state of emergency, the Chamber of Deputies cannot be dissolved and both Chambers of Parliament are recalled immediately if they are in recess. | (1) Pendant la durée de l'état d'urgence, la Chambre des Députés ne peut pas être dissoute et les Chambres du Parlement sont immédiatement convoquées si elles ne siègent pas en session ordinaire. |
| (2) Iyo ku itariki yatangarijweho ibihe by'amage, Umutwe w'Abadepite wari warasheshwe cyangwa manda y'Abadepite yararangiye, ububasha bw'Inteko Ishinga Amategeko bwerekeye ibihe by'amage bukoreshwa na Sena. | (2) If at the date of a declaration of a state of emergency the Chamber of Deputies has previously been dissolved or its term has ended, powers of Parliament relating to a state of emergency are exercised by the Senate. | (2) Si à la date de la déclaration de l'état d'urgence la Chambre des Députés avait été dissoute ou si la législature avait pris fin, les compétences du Parlement concernant l'état d'urgence sont exercées par le Sénat. |
| **<u>Akiciro ka 4</u>: Izindi nzego za Leta** | **<u>Subsection 4</u>: Other State organs** | **<u>Sous-section 4</u>: Autres organes de l'État** |
| **<u>Ingingo ya 140</u>: Komisiyo z'Igihugu, inzego zihariye, inama z'Igihugu n'ibigo bya Leta** | **<u>Article 140</u>: National commissions, specialised organs, national councils and public institutions** | **<u>Article 140</u>: Commissions nationales, organes spécialisés, conseils nationaux et établissements publics** |
| (1) Komisiyo z'Igihugu, inzego zihariye n'inama z'Igihugu zishinzwe gufasha | (1) The national commissions, specialised organs and national councils entrusted | (1) Les commissions nationales, les organes spécialisés et les conseils nationaux |

| | | |
|---|---|---|
| gukemura ibibazo bikomeye by'Igihugu ni izi zikurikira: | with the responsibility to help in resolving important issues facing the country are the following: | chargés de contribuer à la résolution des problèmes majeurs du pays sont les suivants: |
| (a) Komisiyo z'Igihugu: | (a) national commissions: | (a) les commissions nationales: |
| (i) Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu; | (i) National Commission for Human Rights; | (i) la Commission nationale des Droits de la Personne; |
| (ii) Komisiyo y'Igihugu y'Amatora; | (ii) National Electoral Commission; | (ii) la Commission nationale électorale; |
| (iii) Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abakozi ba Leta. | (iii) National Public Service Commission. | (iii) la Commission de la Fonction publique. |
| (b) inzego zihariye: | (b) specialised organs: | (b) les organes spécialisés: |
| (i) Urwego rw'Umuvunyi; | (i) Office of the Ombudsman; | (i) l'Office de l'Ombudsman; |
| (ii) Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta; | (ii) Office of the Auditor General of State Finances; | (ii) l'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État; |
| (iii) Urwego rushinzwe Kugenzura Iyubahirizwa ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagore n'Abagabo mu Iterambere ry'Igihugu; | (iii) Gender Monitoring Office; | (iii) l'Observatoire du «Gender»; |
| (iv) Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'ishimwe. | (iv) Chancellery for Heroes, National Orders and Decorations of Honour. | (iv) la Chancellerie des Héros et des Ordres nationaux. |

| | | |
|---|---|---|
| (c) inama z'Igihugu:<br><br>(i) Inama y'Igihugu y'Abagore;<br><br>(ii) Inama y'Igihugu y'Urubyiruko;<br><br>(iii) Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga. | (c) national councils:<br><br>(i) National Women Council;<br><br>(ii) National Youth Council;<br><br>(iii) National Council of Persons with Disabilities. | (c) les conseils nationaux:<br><br>(i) le Conseil national des Femmes;<br><br>(ii) le Conseil national de la Jeunesse;<br><br>(iii) le Conseil national des Personnes handicapées. |
| (2) Amategeko yihariye ateganya inshingano, imitunganyirize n'imikorere by'izo nzego. | (2) Specific laws determine the mission, organisation and functioning of these organs. | (2) Les lois spécifiques déterminent la mission, l'organisation et le fonctionnement de ces organes. |
| (3) Itegeko rishobora gushyiraho indi Komisiyo y'Igihugu, urundi rwego rwihariye n'indi nama y'Igihugu igihe bibaye ngombwa. Iryo tegeko rigena kandi inshingano, imitunganyirize n'imikorere byazo. | (3) A law may establish another national commission, specialised organ and national council when necessary. The law also determines their mission, organisation and functioning. | (3) En cas de nécessité, une loi peut créer une autre commission nationale, un autre organe spécialisé et un autre conseil national. Cette loi détermine également leur mission, organisation et fonctionnement. |
| (4) Itegeko rishobora kandi gukuraho komisiyo y'Igihugu, urwego rwihariye cyangwa inama y'Igihugu igihe bibaye ngombwa. | (4) When considered necessary, a law may also remove a national commission, specialised organ or national council. | (4) Une loi peut également supprimer une commission nationale, un organe spécialisé ou un conseil national en cas de nécessité. |
| (5) Itegeko Ngenga rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta. | (5) An organic law establishes general provisions governing public institutions. | (5) Une loi organique fixe les dispositions générales applicables aux établissements publics. |

| Kinyarwanda | English | Français |
|---|---|---|
| **<u>Akiciro ka 5</u>: Inama y'Igihugu y'Umushyikirano na Komite y'Abunzi** | **<u>Subsection 5</u>: National *Umushyikirano* Council and *Abunzi* Committee** | **<u>Sous-section 5</u>: Conseil National d'*Umushyikirano* et Comité d'*Abunzi*** |
| **<u>Ingingo ya 141</u>: Inama y'Igihugu y'Umushyikirano** | **<u>Article 141</u>: National *Umushyikirano* Council** | **<u>Article 141</u>: Conseil National d'*Umushyikirano*** |
| (1) Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ihuza Perezida wa Repubulika n'abahagarariye abaturage. | (1) The National *Umushyikirano* Council brings together the President of the Republic and citizens' representatives. | (1) Le Conseil National d'*Umushyikirano* réunit le Président de la République et les représentants des citoyens. |
| (2) Inama y'Igihugu y'Umushyikirano iterana nibura rimwe mu mwaka igasuzuma uko ubuzima bw'Igihugu n'ubumwe bw'Abanyarwanda bihagaze. | (2) The National *Umushyikirano* Council meets at least once a year. It debates issues relating to the state of the Nation and national unity. | (2) Le Conseil National d'*Umushyikirano* se réunit au moins une fois par an. Il examine les questions relatives à l'état de la Nation et de l'unité nationale. |
| (3) Perezida wa Repubulika atumiza kandi akayobora Inama y'Igihugu y'Umushyikirano akanagena abayitabira. | (3) The President of the Republic convenes and presides over the National *Umushyikirano* Council and determines those who participate. | (3) Le Président de la République convoque et dirige le Conseil National d'*Umushyikirano* et désigne ceux qui y participent. |
| (4) Imyanzuro y'Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ishyikirizwa inzego zibishinzwe kugira ngo zirusheho gutunganya imirimo zikorera abaturage. | (4) Resolutions of the National *Umushyikirano* Council are submitted to the relevant institutions to enable them to improve their service delivery to the population. | (4) Les résolutions du Conseil National d'*Umushyikirano* sont transmises aux institutions et services concernés afin d'améliorer les services rendus à la population. |
| (5) Iteka rya Perezida rishobora guteganya ibindi byerekeye Inama y'Igihugu y'Umushyikirano. | (5) A Presidential Order may provide for other matters for the National *Umushyikirano* Council. | (5) Un arrêté présidentiel peut déterminer d'autres matières relatives au Conseil National d'*Umushyikirano*. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 142: Komite y'Abunzi** | **Article 142: *Abunzi* Committee** | **Article 142: Comité d'*Abunzi*** |
| (1) Komite y'Abunzi ishinzwe kunga abagiranye amakimbirane, hagamijwe kubaka ubumwe n'imibanire myiza. | (1) The *Abunzi* Committee is responsible for conciliating parties in conflict with the aim of consolidating unity and peaceful co-existence. | (1) Le Comité d'*Abunzi* est chargé de concilier les parties en conflit en vue de consolider l'unité et la cohabitation harmonieuse. |
| (2) Komite y'Abunzi igizwe n'abantu b'inyangamugayo kandi bazwiho ubushobozi bwo kunga. | (2) The *Abunzi* Committee is comprised of persons of integrity who are recognised for their conciliation skills. | (2) Le Comité d'*Abunzi* est composé de personnes intègres et reconnues pour leur aptitude à concilier. |
| (3) Itegeko rigena imitunganyirize, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite y'Abunzi. | (3) A law determines the organisation, territorial jurisdiction, competence and functioning of the *Abunzi* Committee. | (3) Une loi détermine l'organisation, le ressort, la compétence et le fonctionnement du Comité d'*Abunzi*. |
| **Akiciro ka 6: Ubushinjacyaha** | **Subsection 6: Public Prosecution** | **Sous-section 6: Poursuite Judiciaire** |
| **Ingingo ya 143: Ubushinjacyaha Bukuru** | **Article 143: National Public Prosecution Authority** | **Article 143: Organe national de Poursuite judiciaire** |
| (1) Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru rushinzwe gukora iperereza no gukurikirana ibyaha mu gihugu hose. | (1) The National Public Prosecution Authority is responsible for investigating and prosecuting offences throughout the country. | (1) L'Organe national de Poursuite judiciaire est chargé de l'instruction et de la poursuite des infractions sur toute l'étendue du territoire national. |
| (2) Ubushinjacyaha Bukuru ni urwego rumwe. Rugizwe n'Ibiro by'Umushinjacyaha Mukuru, Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye n'Ubushinjacyaha ku rwego rw'Ibanze. | (2) The National Public Prosecution Authority is a single institution. It is composed of the Office of the Prosecutor General, the public prosecution service at the intermediate level and the public prosecution service at the primary level. | (2) L'Organe national de Poursuite judiciaire constitue une institution unique. Il est composé du Bureau du Procureur général, du service de poursuite judiciaire au niveau de Grande Instance et du service de poursuite judiciaire au niveau de Base. |

| | | |
|---|---|---|
| (3) Ibiro by'Umushinjacyaha Mukuru bigizwe n'Umushinjacyaha Mukuru, Umushinjacyaha Mukuru Wungirije n'Abashinjacyaha ku rwego rw'Igihugu. | (3) The Office of the Prosecutor General consists of the Prosecutor General, the Deputy Prosecutor General and National Prosecutors. | (3) Le Bureau du Procureur général est composé du Procureur général, du Procureur général adjoint et des Procureurs nationaux. |
| (4) Itegeko rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Ubushinjacyaha Bukuru. | (4) A law determines the organisation, functioning and competence of the National Public Prosecution Authority. | (4) Une loi détermine l'organisation, le fonctionnement et la compétence de l'Organe national de Poursuite judiciaire. |
| (5) Itegeko rigena sitati n'imyitwarire by'abashinjacyaha n'abakozi b'Ubushinjacyaha Bukuru. | (5) A law determines the statute and code of ethics of prosecutors and personnel of the National Public Prosecution Authority. | (5) Une loi détermine le statut et le code d'éthique des officiers de poursuite judiciaire et des agents de l'Organe national de Poursuite judiciaire. |
| **<u>Ingingo ya 144</u>: Ishyirwaho ry'abashinjacyaha** | **<u>Article 144</u>: Appointment of prosecutors** | **<u>Article 144</u>: Nomination des officiers de poursuite judiciaire** |
| (1) Umushinjacyaha Mukuru n'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije bashyirwaho n'Iteka rya Perezida bamaze kwemezwa na Sena. | (1) The Prosecutor General and the Deputy Prosecutor General are appointed by a Presidential Order after approval by the Senate. | (1) Le Procureur général et le Procureur général adjoint sont nommés par arrêté présidentiel après leur approbation par le Sénat. |
| (2) Perezida wa Repubulika agena umukandida ku mwanya w'Umushinjacyaha Mukuru no ku mwanya w'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije amaze kugisha inama Inama y'Abaminisitiri n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha. | (2) The President of the Republic nominates a candidate for the position of Prosecutor General and the position of Deputy Prosecutor General, after consultation with the Cabinet and the High Council of the National Public Prosecution Authority. | (2) Le Président de la République propose un candidat au poste de Procureur général et à celui de Procureur général adjoint après consultation du Conseil des Ministres et du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire. |

| | | |
|---|---|---|
| (3) Abashinjacyaha bo ku rwego rw'Igihugu n'abashinjacyaha bayobora ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye bashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe nyuma yo kwemezwa n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha. | (3) National Prosecutors and chief prosecutors at the intermediate level are appointed by a Prime Minister's Order after approval by the High Council of the National Public Prosecution Authority. | (3) Les procureurs nationaux et les procureurs en chef au niveau de grande instance sont nommés par un arrêté du Premier Ministre, après approbation par le Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire. |
| (4) Abandi bashinjacyaha bashyirwaho hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko ryerekeye sitati y'abashinjacyaha. | (4) Other prosecutors are appointed in accordance with the law governing the statute of prosecutors. | (4) Les autres procureurs sont nommés conformément aux dispositions de la loi portant statut des officiers de poursuite judiciaire. |
| **<u>Ingingo ya 145</u>: Manda y'abayobozi b'inzego z'ubushinjacyaha** | **<u>Article 145</u>: Term of office of heads of prosecution services** | **<u>Article 145</u>: Mandat des responsables des services de poursuite judiciaire** |
| (1) Umushinjacyaha Mukuru n'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije bashyirirwaho manda y'imyaka itanu ishobora kongerwa inshuro imwe. | (1) The Prosecutor General and Deputy Prosecutor General are appointed for a term of office of five years, renewable once. | (1) Le Procureur général et le Procureur général adjoint sont nommés pour un mandat de cinq ans renouvelable une fois. |
| (2) Itegeko ryerekeye sitati y'abashinjacyaha rigena ibirebana na manda y'abashinjacyaha bayobora ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye. | (2) The law governing the statute of prosecutors determines the term of office for the chief prosecutors at the intermediate level. | (2) La loi portant statut des officiers de poursuite judiciaire détermine le mandat des procureurs en chef au niveau de grande instance. |
| **<u>Ingingo ya 146</u>: Imikoranire y'Urwego rw'Ubushinjacyaha n'izindi nzego** | **<u>Article 146</u>: Collaboration between the National Public Prosecution Authority and other organs** | **<u>Article 146</u>: Collaboration entre l'Organe national de Poursuite judiciaire et d'autres organes** |
| (1) Ubushinjacyaha bugengwa mu mirimo yabwo na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano. | (1) The National Public Prosecution Authority is under the supervision of the Minister in charge of justice. | (1) L'Organe national de Poursuite judiciaire est placé sous la supervision du Ministre ayant la justice dans ses attributions. |

| | | |
|---|---|---|
| (2) Mu byerekeranye no gukurikirana ibyaha, Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano agena politiki rusange kandi ashobora, mu nyungu rusange, guha Umushinjacyaha Mukuru amabwiriza yanditse amutegeka cyangwa amubuza gukurikirana icyaha. | (2) In matters relating to prosecution of offences, the Minister in charge of justice determines the general policy and may, in public interest, issue written instructions to the Prosecutor General to undertake or refrain from investigating and prosecuting an offence. | (2) En matière de poursuite d'infractions, le Ministre ayant la justice dans ses attributions définit la politique générale et peut, dans l'intérêt général, donner des injonctions écrites de poursuite ou de non-poursuite au Procureur général. |
| (3) Minisitiri ashobora kandi, iyo byihutirwa, mu nyungu rusange, guha umushinjacyaha uwo ari we wese amabwiriza yanditse amutegeka cyangwa amubuza gukurikirana icyaha, akabimenyesha Umushinjacyaha Mukuru. | (3) The Minister may also, in case of urgency and in public interest, issue written instructions to any prosecutor to investigate and prosecute or refrain from investigating and prosecuting an offence and inform the Prosecutor General of such instructions. | (3) Le Ministre peut également, en cas d'urgence et dans l'intérêt général, donner des injonctions écrites à tout officier de poursuite judiciaire lui obligeant de mener ou ne pas mener une action publique et en réserve copie au Procureur général. |
| (4) Abashinjacyaha bafite ubwigenge ku baburanyi no ku bacamanza. | (4) Prosecutors are independent from parties and judges. | (4) Les officiers de poursuite judiciaire sont indépendants des parties et des juges. |
| **<u>Ingingo ya 147</u>: Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha** | **<u>Article 147</u>: High Council of the National Public Prosecution Authority** | **<u>Article 147</u>: Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire** |
| (1) Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ifite inshingano yo gutanga imirongo migari ngenderwaho no gutuma haba imikorere myiza y'ubushinjacyaha mu Gihugu hose. | (1) The High Council of the National Public Prosecution Authority has the responsibility to provide general policy guidelines and to ensure smooth functioning of the prosecution services throughout the country. | (1) Le Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire a pour responsabilité de donner les grandes lignes directrices et d'assurer le bon fonctionnement des services de poursuite dans tout le pays. |
| (2) Itegeko rigena imitunganyirize, ububasha n'imikorere by'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha. | (2) A law determines the organisation, powers and functioning of the High Council of the National Public Prosecution Authority. | (2) Une loi détermine l'organisation, les compétences et le fonctionnement du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 148</u>: Ubushinjacyaha bwa Gisirikare** | **<u>Article 148</u>: Military Prosecution Department** | **<u>Article 148</u>: Auditorat militaire** |
| (1) Ubushinjacyaha bwa Gisirikare bushinzwe gukurikirana ibyaha bikozwe n'abantu baburanishwa n'inkiko za gisirikare. Bukurikirana ibyaha biburanishwa mu nkiko za gisirikare. | (1) The Military Prosecution Department is responsible for the prosecution of offences committed by persons who are subject to the jurisdiction of military Courts. It investigates and prosecutes offences before military Courts. | (1) L'Auditorat militaire est chargé de la poursuite des infractions commises par les personnes justiciables des juridictions militaires. Il exerce l'action publique devant les juridictions militaires. |
| (2) Ubushinjacyaha bwa Gisirikare buyoborwa n'Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare yunganiwe n'Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare Wungirije. | (2) The Military Prosecution Department is headed by the Military Prosecutor General assisted by the Deputy Military Prosecutor General. | (2) L'Auditorat militaire est dirigé par un Auditeur général militaire assisté d'un Auditeur général militaire adjoint. |
| (3) Itegeko rigena imitunganyirize, ububasha n'imikorere by'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare. | (3) A law determines the organisation, jurisdiction and functioning of the Military Prosecution Department. | (3) Une loi détermine l'organisation, la compétence et le fonctionnement de l'Auditorat militaire. |
| **<u>Icyiciro cya 3</u>: Ubutegetsi bw'Ubucamanza** | **<u>Section 3</u>: The Judiciary** | **<u>Section 3</u>: Le Pouvoir judiciaire** |
| **<u>Akiciro ka mbere</u>: Ingingo rusange ku Butegetsi bw'Ubucamanza** | **<u>Subsection One</u>: General provisions on the Judiciary** | **<u>Sous-Section première</u>: Dispositions générales concernant le Pouvoir judiciaire** |
| **<u>Ingingo ya 149</u>: Ubucamanza** | **<u>Article 149</u>: Judicial Authority** | **<u>Article 149</u>: Autorité judiciaire** |
| Ubucamanza bushinzwe Urwego rw'Ubucamanza rugizwe n'inkiko zisanzwe n'inkiko zihariye. | The Judicial Authority is vested in the Judicial Organ composed of ordinary Courts and specialised Courts. | L'Autorité judiciaire est conférée à l'Organe Judiciaire composé de juridictions ordinaires et de juridictions spécialisées. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 150</u>: Inama Nkuru y'Ubucamanza** | **<u>Article 150</u>: High Council of the Judiciary** | **<u>Article 150</u>: Conseil supérieur de la Magistrature** |
| (1) Inama Nkuru y'Ubucamanza ni rwo rwego rukuru ruyobora Ubutegetsi bw'Ubucamanza. Ishyiraho imirongo migari igenga imiyoborere y'Ubutegetsi bw'Ubucamanza. | (1) The High Council of the Judiciary is the supreme governing organ of the Judiciary. It sets general guidelines governing the administration of the Judiciary. | (1) Le Conseil supérieur de la Magistrature est l'organe suprême de direction du Pouvoir judiciaire. Il définit les grandes lignes régissant l'administration du Pouvoir judiciaire. |
| (2) Itegeko rigena imitunganyirize, ububasha, inshingano n'imikorere by'Inama Nkuru y'Ubucamanza n'abayigize. | (2) A law determines the organisation, powers, responsibilities and functioning of the High Council of the Judiciary and its composition. | (2) Une loi détermine l'organisation, la compétence, les attributions et le fonctionnement du Conseil supérieur de la Magistrature et sa composition. |
| **<u>Ingingo ya 151</u>: Ubwigenge bw'Ubutegetsi bw'Ubucamanza** | **<u>Article 151</u>: Independence of the Judiciary** | **<u>Article 151</u>: Indépendance du Pouvoir judiciaire** |
| Ubutegetsi bw'Ubucamanza burigenga kandi bufite ubwisanzure mu micungire y'abakozi n'imari. | The Judiciary is independent and enjoys financial and administrative autonomy. | Le Pouvoir judiciaire est indépendant et jouit de l'autonomie de gestion administrative et financière. |
| **<u>Ingingo 152</u>: Amahame y'ubucamanza** | **<u>Article 152</u>: Principles of the judicial system** | **<u>Article 152</u>: Principes du système judiciaire** |
| (1) Ubucamanza bugengwa n'amahame akurikira: | (1) The judicial system is governed by the following principles: | (1) Le système judiciaire est régi par les principes suivants: |
| (a) imanza zicibwa mu izina ry'abaturage kandi ntawe ushobora kwicira urubanza ubwe; | (a) justice is rendered in the name of the people and nobody may be a judge in his or her own cause; | (a) la justice est rendue au nom du peuple et nul ne peut être juge dans sa propre cause; |

| | | |
|---|---|---|
| (b) imanza ziburanishirizwa mu ruhame, keretse iyo urukiko rwemeje ko habaho umuhezo mu buryo buteganywa n'amategeko; | (b) Court proceedings are conducted in public, unless the Court determines that proceedings be held in camera in circumstances provided for by law; | (b) les audiences des juridictions sont publiques, sauf cas de huis clos prononcé par une juridiction dans les conditions prévues par la loi; |
| (c) urubanza rwose ruciwe rugaragaza impamvu rushingiyeho rukandikwa mu ngingo zarwo zose kandi rugasomwa mu buryo buteganywa n'itegeko; | (c) every judgment indicates its basis, is written in its entirety and pronounced as provided for by the law; | (c) tout jugement ou arrêt est motivé, entièrement rédigé et est prononcé tel que prévu par la loi; |
| (d) ibyemezo by'ubucamanza bigomba gukurikizwa n'abo bireba bose, zaba inzego z'ubutegetsi bwa Leta cyangwa abantu ku giti cyabo; ntibishobora kuvuguruzwa, keretse binyuze mu nzira no mu buryo biteganywa n'amategeko; | (d) Court rulings are binding on all parties concerned, be they public authorities or individuals; they cannot be challenged except through procedures determined by law; | (d) les décisions de justice s'imposent à tous ceux qui y sont parties, que ce soit les pouvoirs publics ou les particuliers ; elles ne peuvent être remises en cause que par les voies et procédures prévues par la loi; |
| (e) abacamanza bakurikiza itegeko kandi bakora umurimo wabo w'ubucamanza mu bwigenge kandi batavugirwamo n'ubutegetsi cyangwa ubuyobozi ubwo ari bwo bwose. | (e) in exercising their judicial functions, judges at all times do it in accordance with the law and are independent from any power or authority. | (e) dans l'exercice de leurs fonctions judiciaires, les juges doivent s'en tenir à la loi et rester indépendants de tout autre pouvoir ou autorité. |
| (2) Ibyerekeye imyifatire myiza n'ubwangamugayo by'abacamanza biteganywa n'amategeko yihariye abagenga. | (2) The code of conduct and integrity of judges is determined by relevant specific laws. | (2) Le code d'éthique judiciaire est déterminé par les lois spécifiques en la matière. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Akiciro ka 2</u>: Inkiko n'abacamanza** | **<u>Subsection 2</u>: Courts and judges** | **<u>Sous-section 2</u>: Juridictions et juges** |
| **<u>Ingingo ya 153</u>: Ibyiciro by'inkiko** | **<u>Article 153</u>: Classification of Courts** | **<u>Article 153</u>: Catégories de juridictions** |
| (1) Inkiko zigizwe n'inkiko zisanzwe n'inkiko zihariye. | (1) Courts consist of ordinary and specialised Courts. | (1) Les juridictions comprennent les juridictions ordinaires et les juridictions spécialisées. |
| (2) Inkiko zisanzwe zigizwe n'Urukiko rw'Ikirenga, Urukiko rw'Ubujurire, Urukiko Rukuru, Inkiko Zisumbuye n'Inkiko z'Ibanze. | (2) Ordinary Courts are comprised of the Supreme Court, the Court of Appeal, the High Court, Intermediate Courts and Primary Courts. | (2) Les juridictions ordinaires comprennent la Cour Suprême, la Cour d'Appel, la Haute Cour, les Tribunaux de Grande Instance et les Tribunaux de Base. |
| (3) Inkiko zihariye zigizwe n'Inkiko z'Ubucuruzi n'Inkiko za Gisirikare. | (3) Specialised Courts are comprised of Commercial Courts and Military Courts. | (3) Les juridictions spécialisées comprennent les juridictions de commerce et les juridictions militaires. |
| (4) Itegeko Ngenga rishobora gushyiraho cyangwa gukuraho urukiko rusanzwe cyangwa urukiko rwihariye. | (4) An organic law may establish or remove an ordinary or a specialised Court. | (4) Une loi organique peut instituer ou supprimer une juridiction ordinaire ou une juridiction spécialisée. |
| (5) Itegeko rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'inkiko. | (5) A law determines the organisation, functioning and jurisdiction of Courts. | (5) Une loi détermine l'organisation, le fonctionnement et la compétence des juridictions. |
| **<u>Ingingo ya 154</u>: Ishyirwaho ry'abacamanza bayobora inkiko** | **<u>Article 154</u>: Appointment of judges in charge of Courts** | **<u>Article 154</u>: Nomination des juges responsables des juridictions** |
| (1) Perezida na Visi Perezida b'Urukiko rw'Ikirenga, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko rw'Ubujurire, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru, | (1) The President and the Vice President of the Supreme Court, the President and the Vice President of the Court of Appeal, the President and the Vice | (1) Le Président et le Vice-Président de la Cour Suprême, le Président et le Vice-Président de la Cour d'Appel, le Président et le Vice-Président de la Haute Cour |

| | | |
|---|---|---|
| Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi bashyirwaho n'Iteka rya Perezida bamaze kwemezwa na Sena. Perezida wa Repubulika abanza kugisha inama Inama y'Abaminisitiri n'Inama Nkuru y'Ubucamanza. | President of the High Court, the President and the Vice President of the Commercial High Court are appointed by a Presidential Order after approval by the Senate. The President of the Republic appoints them after consultation with Cabinet and the High Council of the Judiciary. | ainsi que le Président et le Vice-Président de la Haute Cour de Commerce sont nommés par arrêté présidentiel après leur approbation par le Sénat. Le Président de la République procède à leur nomination après avis du Conseil des Ministres et du Conseil supérieur de la Magistrature. |
| (2) Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga agomba kuba afite ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko kandi nta bundi bwenegihugu agomba kuba afite. | (2) The President of the Supreme Court must be of Rwandan nationality by origin and must not hold any other nationality. | (2) Le Président de la Cour Suprême doit être de nationalité rwandaise d'origine et ne détenir aucune autre nationalité. |
| (3) Abacamanza bayobora izindi nkiko zisanzwe n'iz'ubucuruzi bashyirwaho n'Inama Nkuru y'Ubucamanza. | (3) Judges in charge of other ordinary Courts and commercial Courts are appointed by the High Council of the Judiciary. | (3) Les juges responsables d'autres juridictions ordinaires et de commerce sont nommés par le Conseil supérieur de la Magistrature. |
| **<u>Ingingo ya 155:</u> Ishyirwaho ry'abandi bacamanza** | **<u>Article 155</u>: Appointment of other judges** | **<u>Article 155</u>: Nomination d'autres juges** |
| (1) Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga n'ab'Urukiko rw'Ubujurire bashyirwaho na Perezida wa Repubulika amaze kugisha inama Inama y'Abaminisitiri n'Inama Nkuru y'Ubucamanza. Ashyikiriza Sena urutonde rw'abakandida bangana n'imyanya y'Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga n'ab'Urukiko rw'Ubujurire isabirwa kuzuzwa, kugira ngo ibemeze. | (1) Judges of the Supreme Court and those of the Court of Appeal are appointed by the President of the Republic after consultation with the Cabinet and the High Council of the Judiciary. The President of the Republic submits to the Senate a list of candidates whose number equals that of vacant posts of Judges of the Supreme Court and Judges | (1) Les Juges de la Cour Suprême et ceux de la Cour d'Appel sont nommés par le Président de la République après avis préalable du Conseil des Ministres et du Conseil supérieur de la Magistrature. Le Président de la République propose au Sénat, pour approbation, une liste de candidats dont le nombre est égal à celui des postes vacants des Juges à la Cour Suprême et des Juges à la Cour d'Appel. |

| | | |
|---|---|---|
| | of the Court of Appeal for their approval. | |
| (2) Abandi bacamanza b'izindi nkiko zisanzwe n'ab'inkiko z'ubucuruzi ziteganywa n'iri Tegeko Nshinga bashyirwaho n'Inama Nkuru y'Ubucamanza. | (2) Other judges of other ordinary Courts and commercial Courts provided for by this Constitution are appointed by the High Council of the Judiciary. | (2) Les autres juges d'autres juridictions ordinaires et juridictions de commerce prévues par la présente Constitution sont nommés par le Conseil supérieur de la Magistrature. |
| (3) Abacamanza b'inkiko za gisirikare bashyirwaho hakurikijwe amategeko abagenga. | (3) Judges of military Courts are appointed in accordance with the legislation governing them. | (3) Les juges des juridictions militaires sont nommés conformément à la législation qui les régit. |
| (4) Itegeko rigenga sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko rigena uburyo bashyirwa mu nkiko. | (4) The law governing the statute of judges and judicial personnel determines modalities for their appointment to Courts. | (4) La loi portant statut des juges et des agents de l'ordre judiciaire détermine les modalités de leur affectation au sein des juridictions. |
| **<u>Ingingo ya 156</u>: Irahira ry'abacamanza** | **<u>Article 156</u>: Oath-taking by judges** | **<u>Article 156</u>: Prestation de serment des juges** |
| (1) Perezida, Visi Perezida n'Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga, Perezida, Visi Perezida n'Abacamanza b'Urukiko rw'Ubujurire, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru na Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi barahirira mu ruhame imbere ya Perezida wa Repubulika. | (1) The President, the Vice President and Judges of the Supreme Court, the President, the Vice President and Judges of the Court of Appeal as well as the President and the Vice President of the High Court, the President and Vice President of the Commercial High Court take the oath of office publicly before the President of the Republic. | (1) Le Président, le Vice-Président et les Juges de la Cour Suprême, le Président, le Vice-Président et les Juges de la Cour d'Appel, le Président et le Vice-Président de la Haute Cour ainsi que le Président et le Vice-Président de la Haute Cour de Commerce prêtent serment publiquement devant le Président de la République. |

(2) Abandi bacamanza barahirira imbere y'abayobozi bavugwa mu itegeko ribagenga.

**Ingingo ya 157: Manda y'abacamanza bayobora inkiko**

(1) Perezida na Visi Perezida b'Urukiko rw'Ikirenga, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko rw'Ubujurire, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi bashyirirwaho manda y'imyaka itanu ishobora kongerwa inshuro imwe.

(2) Itegeko rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko rinateganya ibirebana na manda y'abayobozi b'izindi nkiko.

**Ingingo ya 158: Ivanwaho ry'abacamanza**

(1) Perezida, Visi Perezida n'Abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga, Perezida, Visi Perezida n'Abacamanza b'Urukiko rw'Ubujurire, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru, Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi bashobora kuvanwa ku mirimo yabo kubera kwitwara nabi,

(2) Other judges take the oath of office before authorities referred to in the law governing them.

**Article 157: Term of office of judges in charge of Courts**

(1) The President and the Vice President of the Supreme Court, the President and the Vice President of the Court of Appeal, the President and the Vice President of the High Court, the President and the Vice President of the Commercial High Court are appointed for a term of office of five years renewable once.

(2) The law governing the statute of judges and judicial personnel also determines the term of office of judges in charge of other Courts.

**Article 158: Removal of judges**

(1) The President, the Vice President and Judges of the Supreme Court, the President, the Vice President and Judges of the Court of Appeal, the President and the Vice President of the High Court, the President and the Vice President of the Commercial High Court may be relieved of their duties for

(2) Les autres juges prêtent serment devant les autorités désignées par la loi qui les régit.

**Article 157: Mandat des juges responsables des juridictions**

(1) Le Président et le Vice-Président de la Cour Suprême, le Président et le Vice-Président de la Cour d'Appel, le Président et le Vice-Président de la Haute Cour, le Président et le Vice- Président de la Haute Cour de Commerce sont nommés pour un mandat de cinq ans renouvelable une fois.

(2) La loi portant statut des juges et des agents de l'ordre judiciaire détermine également le mandat des responsables d'autres juridictions.

**Article 158: Révocation des juges**

(1) Le Président, le Vice-Président et les Juges de la Cour Suprême, le Président, le Vice-Président et les Juges de la Cour d'Appel, le Président et le Vice- Président de la Haute Cour ainsi que le Président et le Vice-Président de la Haute Cour de Commerce peuvent être relevés de leurs fonctions pour mauvaise conduite,

| | | |
|---|---|---|
| kudashobora akazi cyangwa gukora ikosa rikomeye bisabwe n'Umutwe w'Abadepite cyangwa Sena ku bwiganze bw'amajwi bwa bitatu bya gatanu, bakavanwaho n'Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteranye, ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'abagize buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko. | misbehaviour, incompetence or gross professional misconduct upon request by a three-fifths majority vote of either the Chamber of Deputies or the Senate, and a decision to remove them from office is taken by Parliament in a joint sitting by a two-thirds majority vote of each Chamber. | incompétence ou faute professionnelle grave, à l'initiative des trois cinquièmes des membres de la Chambre des Députés ou du Sénat; la décision de révocation est prise par les deux Chambres du Parlement, réunies en séance conjointe, à la majorité de deux tiers des membres de chaque Chambre. |
| (2) Abandi bacamanza b'izindi nkiko zisanzwe n'ab'inkiko z'ubucuruzi ziteganywa muri iri Tegeko Nshinga bakurwaho n'Inama Nkuru y'Ubucamanza. | (2) Other judges of other ordinary Courts and commercial Courts provided for by this Constitution are removed from office by the High Council of the Judiciary. | (2) Les autres juges d'autres juridictions ordinaires et juridictions de commerce prévues par la présente Constitution sont révoqués par le Conseil supérieur de la Magistrature. |
| (3) Abacamanza b'inkiko za gisirikare bakurwaho hakurikijwe amategeko abagenga. | (3) Judges of military Courts are removed from office in accordance with the legislation governing them. | (3) Les juges des juridictions militaires sont révoqués conformément à la législation qui les régit. |
| **UMUTWE WA VIII: KURINDA IGIHUGU N'UMUTEKANO** | **CHAPTER VIII: NATIONAL DEFENCE AND SECURITY** | **CHAPITRE VIII: DÉFENSE ET SÉCURITÉ NATIONALE** |
| **Ingingo ya 159: Inzego zishinzwe kurinda Igihugu n'umutekano** | **Article 159: National defence and security organs** | **Article 159 : Organes de défense et de sécurité nationale** |
| (1) Leta ifite inzego zishinzwe kurinda Igihugu n'umutekano zikurikira: | (1) The State has the following defence and security organs: | (1) L'État dispose des organes de défense et de sécurité nationale suivants: |
| (a) Ingabo z'u Rwanda; | (a) Rwanda Defence Force; | (a) les Forces Rwandaises de Défense; |
| (b) Polisi y'u Rwanda; | (b) Rwanda National Police; | (b) la Police nationale du Rwanda; |

| Kinyarwanda | English | Français |
|---|---|---|
| (c) Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano. | (c) National Intelligence and Security Service. | (c) le Service national de Renseignements et de Sécurité. |
| (2) Itegeko rishobora kugena izindi nzego zishinzwe umutekano. | (2) A law may determine other security organs. | (2) Une loi peut déterminer d'autres organes de sécurité. |
| (3) Inzego zishinzwe kurinda Igihugu n'umutekano zirakorana zikanahuza ibikorwa mu kuzuza inshingano zazo. | (3) National defence and security organs collaborate and coordinate their activities in fulfilment of their respective responsibilities. | (3) Les organes de défense et de sécurité nationale collaborent et coordonnent leurs activités dans la réalisation de leurs missions respectives. |
| **<u>Ingingo ya 160</u>: Ingabo z'u Rwanda** | **<u>Article 160</u>: Rwanda Defence Force** | **<u>Article 160</u>: Forces Rwandaises de Défense** |
| (1) Kurinda Igihugu bikorwa n'Ingabo z'Igihugu z'umwuga zitwa "Ingabo z'u Rwanda". | (1) National defence is the responsibility of a professional national military force known as the "Rwanda Defence Force". | (1) La défense nationale est assurée par une armée nationale de profession dénommée « Forces Rwandaises de Défense ». |
| (2) Itegeko rigena inshingano, imitunganyirize n'ububasha by'Ingabo z'u Rwanda. | (2) A law determines the mission, organisation and powers of the Rwanda Defence Force. | (2) Une loi détermine la mission, l'organisation et la compétence des Forces Rwandaises de Défense. |
| **<u>Ingingo ya 161</u>: Polisi y'u Rwanda** | **<u>Article 161</u>: Rwanda National Police** | **<u>Article 161</u>: Police nationale du Rwanda** |
| (1) Polisi y'u Rwanda ishinzwe muri rusange kurinda umutekano w'abantu n'ibintu mu Gihugu hose. | (1) Rwanda National Police is generally responsible for ensuring security of persons and property throughout the country. | (1) La Police nationale du Rwanda est en général chargée d'assurer la sécurité des personnes et des biens dans tout le pays. |
| (2) Itegeko rigena amahame ngenderwaho, ububasha, inshingano, imitunganyirize n'imikorere bya Polisi y'u Rwanda. | (2) A law determines the governing principles, powers, responsibilities, | (2) Une loi détermine les principes directeurs, la compétence, les responsabilités, l'organisation et le |

| | | |
|---|---|---|
| | organisation and functioning of the Rwanda National Police. | fonctionnement de la Police nationale du Rwanda. |
| **<u>Ingingo ya 162</u>: Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano** | **<u>Article 162</u>: National Intelligence and Security Service** | **<u>Article 162</u>: Service national de Renseignements et de Sécurité** |
| (1) Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano rushinzwe muri rusange gukora iperereza imbere no hanze y'Igihugu no gusuzuma ibijyanye n'abinjira n'abasohoka, hagamijwe kurinda no gukumira icyahungabanya umutekano w'Igihugu. | (1) The National Intelligence and Security Service is generally responsible for internal and external intelligence, as well as immigration and emigration matters, for the prevention of and protection against threats to national security. | (1) Le Service national de Renseignements et de Sécurité est en général chargé des renseignements tant internes qu'externes et de tout ce qui est relatif à l'immigration et émigration pour la prévention et la protection contre toutes menaces à la sécurité nationale. |
| (2) Itegeko rigena inshingano, imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urwego rw'Igihugu rushinzwe iperereza n'umutekano. | (2) A law determines responsibilities, organisation, functioning and powers of the National Intelligence and Security Service. | (2) Une loi détermine les responsabilités, l'organisation, le fonctionnement et les compétences du Service national de Renseignements et de Sécurité. |
| **<u>UMUTWE WA IX</u>: IMARI YA LETA N'IMISORO** | **<u>CHAPTER IX</u>: STATE FINANCE AND TAXES** | **<u>CHAPITRE IX</u>: FINANCES DE L'ÉTAT ET IMPÔTS** |
| **<u>Ingingo ya 163</u>: Itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta** | **<u>Article 163</u>: State finance law** | **<u>Article 163</u>: Loi de finances de l'État** |
| (1) Buri mwaka w'ingengo y'imari, Umutwe w'Abadepite usuzuma ishingiro ry'umushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta, ukanaritora. | (1) Every financial year, the Chamber of Deputies considers the relevance of the draft law determining State finances and adopts it. | (1) Pour chaque exercice budgétaire, la Chambre des Députés examine l'opportunité du projet de loi portant fixation des finances de l'État et l'adopte. |
| (2) Itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta rigena umutungo Leta izinjiza n'uzakoreshwa mu buryo buteganywa | (2) The law determining State finances determines the revenue and expenditure of the State in accordance with the | (2) La loi portant fixation des finances de l'État détermine les ressources et les charges de l'État dans les conditions |

| | | |
|---|---|---|
| n'Itegeko Ngenga. Itegeko Ngenga rinagena igihe ingengo y'imari ya Leta y'umwaka w'ingengo y'imari isomwa imbere y'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko. | conditions provided for by an organic law. An organic law also determines the deadline for the presentation of annual State budget before both Chambers of Parliament. | prévues par une loi organique. Une loi organique fixe également le délai de présentation du budget annuel de l'État aux deux Chambres du Parlement. |
| (3) Mbere y'uko ingengo y'imari ya Leta yemezwa burundu, Sena ishyikiriza Umutwe w'Abadepite ibitekerezo ku mushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta. | (3) Before the final adoption of the State budget, the Senate provides the Chamber of Deputies with its opinions on the draft law determining State finances. | (3) Avant l'adoption définitive du budget de l'État, le Sénat donne à la Chambre des Députés ses avis sur le projet de loi portant fixation des finances de l'État. |
| **<u>Ingingo ya 164</u>: Ikoreshwa ry'ingengo y'imari ya Leta mbere y'uko itegeko ry'ingengo y'imari ritangazwa** | **<u>Article 164</u>: Execution of the State budget before publication of finance law** | **<u>Article 164</u>: Exécution du budget de l'État avant la publication de la loi de finances** |
| Iyo umwaka w'ingengo y'imari ya Leta utangiye itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta y'uwo mwaka ritaratangazwa, Minisitiri w'Intebe, akoresheje iteka, atanga by'agateganyo uburenganzira bwo gukoresha mu gihe cy'ukwezi kumwe amafaranga angana na kimwe cya cumi na kabiri cy'ingengo y'imari ya Leta y'umwaka urangiye. | In case the financial year starts before the publication of the law on State finance of that year, the Prime Minister authorises, by an order, a monthly expenditure on a provisional basis of an amount equal to one-twelfth of the budget of the preceding year. | Si l'ouverture de l'exercice budgétaire intervient avant la publication de la loi de finances de l'année, le Premier Ministre, par arrêté, autorise des dépenses mensuelles à titre provisoire d'un montant égal à un douzième du budget de l'État de l'exercice précédent. |
| **<u>Ingingo ya 165</u>: Ishyirwaho, ihindurwa cyangwa ikurwaho ry'umusoro** | **<u>Article 165</u>: Imposing, modifying or removing a tax** | **<u>Article 165</u>: Imposition, modification ou suppression d'un impôt** |
| (1) Umusoro ushyirwaho, uhindurwa cyangwa ukurwaho n'itegeko. | (1) Tax is imposed, modified or removed by law. | (1) L'impôt est établi, modifié ou supprimé par une loi. |

| | | |
|---|---|---|
| (2) Nta sonerwa cyangwa igabanywa ry'umusoro rishobora gukorwa mu gihe bidateganywa n'itegeko. | (2) No exemption or reduction of a tax can be granted unless authorised by law. | (2) Nulle exonération ou modération d'impôt ne peut être accordée que dans les cas prévus par la loi. |
| **Ingingo ya 166: Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta** | **Article 166: Office of the Auditor General of State Finances** | **Article 166: Office de l'Auditeur général des Finances de l'État** |
| Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta ni urwego rw'Igihugu rwigenga rushinzwe ubugenzuzi bw'imicungire y'imari n'umutungo bya Leta. | The Office of the Auditor General of State Finances is an independent State organ responsible for the auditing of State finances and assets. | L'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État est un organe de l'État indépendant chargé de l'audit des finances et du patrimoine de l'État. |
| **Ingingo ya 167: Raporo y'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta** | **Article 167: Report of the Office of the Auditor General of State Finances** | **Article 167: Rapport de l'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État** |
| (1) Buri mwaka, Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta rushyikiriza Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi, raporo yuzuye ku ifoto y'umutungo wa Leta irimo imikoreshereze y'imari ya Leta y'umwaka ushize mbere y'itangira ry'igihembwe cyagenewe gusuzuma ingengo y'imari ya Leta y'umwaka ukurikiye. Iyo raporo inagaragaza uburyo imari yakoreshejwe, amafaranga yakoreshejwe bitari ngombwa cyangwa hadakurikijwe amategeko, igaragaza kandi niba harabaye inyerezwa cyangwa isesagura ry'umutungo rusange. | (1) The Office of the Auditor General of State Finances submits each year, to both Chambers of Parliament, prior to the commencement of the session devoted to the examination of the State budget of the following year, a complete report on the balance sheet of the State budget of the previous year. The report also indicates the manner in which the budget was executed, unnecessary or unlawful expenditures, and whether there was embezzlement or squandering of public funds. | (1) L'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État soumet chaque année, avant l'ouverture de la session consacrée à l'examen du budget de l'année suivante, aux deux Chambres du Parlement le rapport sur le bilan des finances de l'État qui comprend l'exécution du budget de l'État de l'exercice écoulé. Ce rapport précise également la manière dont les comptes ont été gérés, les dépenses inutiles ou irrégulières, et s'il y a eu détournement ou dilapidation des deniers publics. |

| | | |
|---|---|---|
| (2) Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta rushyikiriza Perezida wa Repubulika, Guverinoma, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga n'Umushinjacyaha Mukuru kopi ya raporo ivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo. | (2) The Office of the Auditor General of State Finances submits to the President of the Republic, the Cabinet, the President of Supreme Court and the Prosecutor General a copy of the report referred to in Paragraph (1) of this Article. | (2) L'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État adresse une copie du rapport mentionné au paragraphe (1) du présent article au Président de la République, au Gouvernement, au Président de la Cour Suprême et au Procureur général. |
| (3) Mu gihe kitarenze amezi atandatu, Inteko Ishinga Amategeko imaze gushyikirizwa raporo y'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta ivugwa muri iyi ngingo, iyijyaho impaka ikanayifataho ibyemezo bikwiye. | (3) Within six months of receiving the report of the Office of the Auditor General of State Finances referred to in this Article, the Parliament examines it and takes appropriate decisions. | (3) Dans un délai ne dépassant pas six mois à dater de la réception du rapport de l'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État prévu dans le présent article, le Parlement l'examine et prend des décisions appropriées. |
| (4) Inzego n'abayobozi bagenerwa kopi ya raporo y'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta bashyira mu bikorwa ibiyikubiyemo bafata ibyemezo bikwiye ku makosa n'ibindi bitakurikijwe byagaragajwe muri iyo raporo. | (4) Institutions and public officials to which a copy of the annual report of the Office of the Auditor General of State Finances is addressed implement its recommendations by taking appropriate measures as regards irregularities and other shortcomings which were disclosed. | (4) Les institutions et les autorités destinataires de la copie du rapport de l'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État donnent suite en prenant les mesures qui s'imposent en ce qui concerne notamment les irrégularités et les manquements constatés. |
| (5) Inteko Ishinga Amategeko ishobora gusaba Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta gukora ubugenzuzi bw'imari mu nzego za Leta cyangwa ku mikoreshereze y'amafaranga yatanzwe na Leta. | (5) The Parliament may request the Office of the Auditor General of State Finances to conduct a financial audit of State organs or the use of funds allocated by the State. | (5) Le Parlement peut charger l'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État d'effectuer toute vérification financière dans les organes de l'État ou de l'utilisation des fonds alloués par l'État. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA X</u>: AMASEZERANO MPUZAMAHANGA** | **<u>CHAPTER X</u>: INTERNATIONAL TREATIES AND AGREEMENTS** | **<u>CHAPITRE X</u>: TRAITÉS ET ACCORDS INTERNATIONAUX** |
| **<u>Ingingo ya 168</u>: Imishyikirano no kwemeza burundu amasezerano mpuzamahanga** | **<u>Article 168</u>: Negotiation and ratification of international treaties and agreements** | **<u>Article 168</u>: Négociation et ratification des traités et accords internationaux** |
| (1) Perezida wa Repubulika cyangwa undi yabihereye uburenganzira ni we ufite ububasha bwo gukora imishyikirano yerekeye amasezerano mpuzamahanga no kuyashyiraho umukono. Perezida wa Repubulika ni we ufite ububasha bwo kwemeza burundu amasezerano mpuzamahanga. Iyo amaze kwemezwa, ayo masezerano amenyeshwa Inteko Ishinga Amategeko. | (1) The President of the Republic or his or her delegate has the sole power to negotiate and sign international treaties and agreements. The President of the Republic has the sole power to ratify international treaties and agreements. The Parliament is notified of those treaties and agreements following their conclusion. | (1) Le Président de la République ou son délégué ont compétence exclusive pour négocier et signer les traités et accords internationaux. Le Président de la République a compétence exclusive pour ratifier les traités et accords internationaux. Le Parlement en est informé après leur conclusion. |
| (2) Icyakora, amasezerano mpuzamahanga ajyanye no guhagarika intambara, ayerekeye amahoro, ubucuruzi, imiryango mpuzamahanga, afite ingaruka ku mari ya Leta, ahindura amategeko y'Igihugu cyangwa ayerekeye imimerere y'abantu ntashobora kwemezwa burundu bitabanje kwemerwa n'Inteko Ishinga Amategeko. | (2) However, international treaties and agreements concerning armistice, peace, commerce, international organisations, those which commit state finances, those requiring modification of national legislation or relating to the status of persons can only be ratified after approval by Parliament. | (2) Toutefois, les traités et accords internationaux d'armistice, de paix, de commerce, les traités et accords relatifs aux organisations internationales, ceux qui engagent les finances de l'État, ceux qui requièrent la modification de la législation nationale ou ceux relatifs à l'état des personnes ne peuvent être ratifiés qu'après l'approbation du Parlement. |
| (3) Amasezerano mpuzamahanga yo gutanga cyangwa kugurana igice cy'u Rwanda cyangwa se komeka ku Rwanda igice | (3) International treaties and agreements ceding or exchanging part of the territory of Rwanda or adding a territory | (3) Les traités et accords internationaux de cession, d'échange ou d'adjonction d'un territoire ne peuvent pas être ratifiés sans |

| | | |
|---|---|---|
| cy'ikindi gihugu ntashobora kwemezwa burundu bitabanje kwemezwa n'Abanyarwanda muri referandumu. | of another country to Rwanda cannot be ratified without the consent of Rwandans through a referendum. | le consentement des Rwandais consultés par référendum. |
| **<u>Ingingo ya 169</u>: Agaciro k'amasezerano mpuzamahanga** | **<u>Article 169</u>: Binding force of international treaties and agreements** | **<u>Article 169</u>: Force obligatoire des traités et accords internationaux** |
| Iyo iteka rya Perezida ryemeza burundu amasezerano mpuzamahanga rimaze gutangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, ayo masezerano mpuzamahanga agira agaciro nk'ak'andi mategeko akurikizwa mu Gihugu hakurikijwe ubusumbane bw'amategeko buteganywa mu gika cya (1) cy'ingingo ya 95 y'iri Tegeko Nshinga. | Upon publication of a Presidential Order ratifying an international treaty or agreement in the Official Gazette of the Republic of Rwanda, the international treaty or agreement has the force of law as national legislation in accordance with the hierarchy of laws provided for under Paragraph (1) of Article 95 of this Constitution. | Lorsqu'un arrêté présidentiel ratifiant un traité ou un accord international est publié au Journal Officiel de la République du Rwanda, ce traité ou accord international a une force obligatoire comme la législation nationale et suivant la hiérarchie des lois prévue au paragraphe (1) de l'article 95 de la présente Constitution. |
| **<u>Ingingo ya 170</u>: Amasezerano mpuzamahanga abujijwe** | **<u>Article 170</u>: Prohibited international agreements** | **<u>Article 170</u>: Accords internationaux interdits** |
| (1) Birabujijwe gukora amasezerano mpuzamahanga yemera gutuza ingabo z'amahanga mu Gihugu. | (1) It is prohibited to make international agreements permitting foreign military bases on the national territory. | (1) Les accords internationaux d'installation de bases militaires étrangères sur le territoire national sont interdits. |
| (2) Birabujijwe gukora amasezerano mpuzamahanga yemera kunyuza cyangwa kurunda mu Gihugu imyanda ihumanya n'ibindi byose byagira ingaruka zikomeye ku buzima bw'abantu no ku bidukikije. | (2) It is prohibited to make international agreements permitting the transit or dumping, on national territory, of toxic waste and other hazardous materials likely to cause serious damage to public health and the environment. | (2) Les accords internationaux autorisant le transit ou le stockage, sur le territoire national, de déchets toxiques et autres matières dangereuses susceptibles de porter gravement atteinte à la santé publique et à l'environnement sont interdits. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 171</u>: Amasezerano mpuzamahanga avuguruza Itegeko Nshinga cyangwa Itegeko Ngenga** | **<u>Article 171</u>: International treaties and agreements conflicting with the Constitution or an organic law** | **<u>Article 171</u>: Traités et accords internationaux en conflit avec la Constitution ou une loi organique** |
| Iyo amasezerano mpuzamahanga afite ingingo ivuguruza Itegeko Nshinga cyangwa Itegeko Ngenga, kuyemeza burundu ntibishobora gukorwa Itegeko Nshinga cyangwa iryo Tegeko Ngenga bitabanje guhindurwa. | Where an international treaty or agreement contains provisions which are conflicting with the Constitution or an organic law, its ratification cannot be done until the Constitution or the organic law is modified. | Lorsqu'un traité ou un accord international comporte une clause contraire à la Constitution ou à une loi organique, sa ratification ne peut se faire qu'après la modification de la Constitution ou de la loi organique. |
| **<u>UMUTWE WA XI</u>: INGINGO Z'INZIBACYUHO, IVUGURURWA RY'ITEGEKO NSHINGA N'INGINGO ZISOZA** | **<u>CHAPTER XI</u>: TRANSITIONAL PROVISIONS, REVISION OF THE CONSTITUTION AND FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE XI</u>: DISPOSITIONS TRANSITOIRES, RÉVISION DE LA CONSTITUTION ET DISPOSITIONS FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 172</u>: Perezida wa Repubulika** | **<u>Article 172</u>: The President of the Republic** | **<u>Article 172</u>: Président de la République** |
| (1) Perezida wa Repubulika uri mu mwanya mu gihe iri Tegeko Nshinga ritangira gukurikizwa akomeza manda y'imyaka irindwi yatorewe. | (1) The President of the Republic in office at the time this Constitution comes into force continues to serve the term of office of seven years for which he was elected. | (1) Le Président de la République en exercice lors de l'entrée en vigueur de la présente Constitution continue à exercer le mandat de sept ans pour lequel il a été élu. |
| (2) Ibiteganywa mu ngingo ya 101 y' iri Tegeko Nshinga bitangira gukurikizwa nyuma ya manda ya Perezida wa Repubulika y'imyaka irindwi ivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo. | (2) The provisions of Article 101 of this Constitution take effect after the seven -year term of office of the President of the Republic referred to in Paragraph (1) of this Article. | (2) Les dispositions de l'article 101 de la présente Constitution prennent effet après le mandat du Président de la République de sept ans visé au paragraphe (1) du présent article. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 173</u>: Ikomeza ry'imirimo y'Abadepite bari mu myanya** | **<u>Article 173</u>: Continuation of functions of Deputies in office** | **<u>Article 173</u>: Continuation des fonctions des Députés en exercice** |
| Abadepite bari mu myanya igihe iri Tegeko Nshinga rivuguruye ritangiye gukurikizwa bakomeza imirimo yabo kugeza igihe cy'iseswa ry'Umutwe w'Abadepite ku mpamvu z'amatora. | Deputies in office at the time this revised Constitution comes into force continue to serve until the day of the dissolution of the Chamber of Deputies due to elections. | Les Députés dont le mandat est en cours lors de l'entrée en vigueur de la présente Constitution révisée restent en fonctions jusqu'à la date de la dissolution de la Chambre des Députés en raison des élections. |
| **<u>Ingingo ya 174</u>: Gutangira gukurikizwa kw'amategeko** | **<u>Article 174</u>: Entry into force of laws** | **<u>Article 174</u>: Entrée en vigueur des lois** |
| (1) Amategeko ntashobora gutangira gukurikizwa atabanje gutangazwa mu buryo buteganywa n'amategeko. | (1) Laws cannot enter into force without their prior publication in accordance with procedures determined by law. | (1) Les lois ne peuvent entrer en vigueur si elles n'ont pas été publiées dans les conditions déterminées par la loi. |
| (2) Ntawe ushobora kwitwaza ko atazi itegeko iyo ryatangajwe mu buryo buteganywa n'amategeko. | (2) Ignorance of a duly published law is not an excuse. | (2) Nul n'est censé ignorer la loi régulièrement publiée. |
| (3) Amategeko gakondo atanditse akomeza gukurikizwa gusa iyo atasimbuwe n'amategeko yanditse kandi akaba atanyuranyije n'Itegeko Nshinga, amategeko, amateka n'amabwiriza cyangwa ngo abe abangamiye uburenganzira bwa muntu, ituze rusange rya rubanda cyangwa imyitwarire iboneye. | (3) Unwritten customary law remains applicable provided it has not been replaced by written law, is not inconsistent with the Constitution, laws, orders, and regulations, and neither violates human rights nor prejudices public order or good morals. | (3) La coutume ne demeure applicable que pour autant qu'elle n'ait pas été remplacée par une loi et qu'elle n'ait rien de contraire à la Constitution, aux lois, aux arrêtés et aux règlements ou ne porte pas atteinte aux droits de la personne, à l'ordre public et aux bonnes mœurs. |

| **Ingingo ya 175: Uburyo bwo kuvugurura Itegeko Nshinga** | **Article 175: Procedure for revising the Constitution** | **Article 175: Procédure de révision de la Constitution** |
|---|---|---|
| (1) Ububasha bwo gutangiza ivugururwa ry'Itegeko Nshinga bufitwe na Perezida wa Repubulika bimaze kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri; bufitwe kandi na buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko binyuze mu itora ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'abawugize. | (1) The power to initiate the revision of the Constitution is vested in the President of the Republic after approval by Cabinet. It is also vested in each Chamber of Parliament through a two-thirds majority vote of members. | (1) L'initiative de la révision de la Constitution appartient au Président de la République après approbation du Conseil des Ministres. Elle appartient également à chaque Chambre du Parlement sur vote à la majorité des deux tiers des membres. |
| (2) Ivugururwa ry'Itegeko Nshinga ryemezwa ritowe ku bwiganze bwa bitatu bya kane by'amajwi y'abagize buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko. | (2) The revision of the Constitution requires a three-quarters majority vote of the members of each Chamber of Parliament. | (2) La révision de la Constitution n'est acquise que par un vote à la majorité des trois quarts des membres qui composent chaque Chambre du Parlement. |
| (3) Icyakora, iyo ivugururwa ry'Itegeko Nshinga ryerekeye manda ya Perezida wa Repubulika, ubutegetsi bwa demokarasi ishingiye ku bitekerezo binyuranye cyangwa ubwoko bw'ubutegetsi buteganyijwe n'iri Tegeko Nshinga, cyane cyane ku butegetsi bwa Leta bushingiye kuri Repubulika n'ubusugire bw'Igihugu, iryo vugururwa ryemezwa na referandumu, rimaze gutorwa na buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko. | (3) However, if the revision of the Constitution concerns the term of office of the President of the Republic or the system of democratic Government based on political pluralism or the political regime established by this Constitution, especially the republican form of Government and national sovereignty, the revision is passed by referendum, after adoption by each Chamber of Parliament. | (3) Toutefois, lorsque la révision porte sur le mandat du Président de la République, sur la démocratie pluraliste ou sur la nature du régime politique, notamment la forme républicaine de l'État et l'intégrité du territoire national, cette révision est approuvée par référendum, après son adoption par chaque Chambre du Parlement. |
| (4) Nta mushinga w'ivugururwa ry'iyi ngingo ushobora kwakirwa. | (4) No proposal of revision to this Article is permitted. | (4) Aucun projet de révision du présent article ne peut être recevable. |

| Ingingo ya 176: Gutangira gukurikizwa | Article 176: Entry into force | Article 176: Entrée en vigueur |
|---|---|---|
| Iri Tegeko Nshinga rivuguruye ritangira gukurikizwa rimaze gushyirwaho umukono na Perezida wa Repubulika kandi rigatangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | This revised Constitution comes into force upon promulgation by the President of the Republic and its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | La présente Constitution révisée entre en vigueur dès sa promulgation par le Président de la République et sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| |
|---|
| Kigali, 04/08/2023<br><br>**(Sé)**<br><br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika<br>President of the Republic<br>Président de la République |
| **(Sé)**<br><br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe<br>Prime Minister<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République:**<br><br>**(Sé)**<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |